# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-47 TARIKI 6 - 12 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw









AMAKURU


Byinshi ku bakomando ba RCS barwanya imyigaragambyo mu magororero



4

AMAKURU


U Rwanda rugiye kwakira inama ya Africa CEO Forum



5

AMAKURU


Gicumbi: Aborozi bahamya ko amatungo magufi yabahinduriye ubuzima



8

MU NTARA

Rubavu: Bubakiwe Ikigo cy'ikoranabuhanga cyatwaye miliyoni 928 Frw



12


# Ibiciro byiyongereyeho 8% mu 2025

**KAYITARE Jean Paul**

***Ibiciro mu kwezi k'Ukuboza 2025 byiyongereyeho 8% ugereranyije n'Ukuboza k'umwaka wa 2024. Ni mu gihe mu Ugushyingo 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 4,1%.***

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje ko mu byatumye ibiciro byiyongera harimo ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1%, iby'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,1% mu gihe iby'inzu, amazi, amashanyarazi, gaze n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,9%.

Ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 63,6%, iby'ubwikorezi byiyongerahо 7,8%.

Igipimo cy'Ibiciro ku Isoko ry'Abaguzi (CPI) mu Rwanda, cyiyongereyeho 8% ugereranyije n'umwaka ushize mu kwezi k'Ukuboza 2025, kivuye kuri 7.2% byariho mu kwezi

KOMEZA KU RUP.3

# Indege za Oman Air zigiye kwagurira ibyerekezo mu Rwanda



**Indege za Oman Air zizatangira kogoga ikirere cy'u Rwanda muri Kamena 2026**

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubuyobozi bw'Isosiyete y'Ubwikorezi bwo mu Kirere muri Oman (OmanAir), bwatangaje ko mu mezi make ari imbere bugiye kwagurira ingendo z'indege zo muri Afurika i Kigali mu Rwanda.***

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), yatangaje ko bije bikurikira amasezerano y'ubutwererane mu by'indege yashyizweho umukono n'Umunyamabanga wa Leta Jean de Dieu Uwihanganye, na Minisitiri w'Ubwikorezi, Itumanaho n'Ikoranabuhanga wa Oman Said bin Hamoud Al Maawali.

Ayo masezerano asinywe mu gihe Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Nduhungirehe ari mu ruzinduko rw'akazi muri icyo gihugu, akaba yitezweho guharurira inzira itangizwa ry'ingendo zo mu kirere zihuza Kigali na Muscat guhera muri Kamena 2026.

KOMEZA KU RUP.3

# Dosiye zirenga ibihumbi 50 z'abasabye kubarurirwa ubutaka zarakererewe



Dosiye zisaga ibihumbi 50 zakererewe guhabwa ibyangombwa

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka (NLA) cyatangaje ko nibura dosiye zirenga 55 000 z'abasabye serivisi zo kubarurirwa ubutaka zitaratunganywa kubera ubuke bw'abakozi zikazaba zamaze gutunganywa mu mezi abiri ari imbere.***

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka akaba n'Umwanditsi Mukuru w'Ubutaka, Nishimwe Marie-Grâce, yavuze ko abafite dosiye zatinze bakwiye kwihanganira imbogamizi bahuye na zo.

Yagize ati: "Abasabye serivisi zo gupima ubutaka tubasaba imbabazi ku gutinda kwabayeho. Twafashe ingamba zo kongera umubare w'abakozi bakora izi serivisi, kandi turabizeza ko dosiye zose zitaratunganywa zizaba zarangiye mu mezi abiri ya mbere ya 2026."

Avugana n'itangazamakuru ku wa Mbere tariki ya 5 Mutarama 2026, Nishimwe yavuze ko ba Noteri b'ubutaka bikorera bagera ku 100 bari koherezwa gufatanya n'abakozi ba Leta mu gukemura izo dosiye zirenga 55 000.

Agira ati: "Mu bice byinshi by'Igihugu, hari abakozi babiri gusa ku rwego rw'Akarere. Turakorana n'Urugaga rw'Abikorera (PSF) kugira ngo baduhe impuguke 100 zizadufasha gutunganya izo dosiye zisigaye, zirenga gato 55 000."

Dosiye 864 425 zirimo izo guhererekanya ubutaka, kubwandikisha no kubupima zatunganyijwe mu 2025.

Abasabye izi serivisi bashobora gukurikirana aho dosiye zabo zigeze banyuze ku rubuga 'Lands'.

Bizimungu Justin, Umwe mu baturage bafite ubutaka, agira ati: "Serivisi zari zaratinze cyane. Twasabye kugabanya ubutaka muri Nyakanga 2025. Biradushimishije kuba twamenyeshejwe ko ubu byihutishwa."

**Impamvu zateje ubukererwe bwa dosiye zirenga 55 000**

Bikorimana Janvier utanga serivisi z'ubutaka nk'uwikorera akaba ari no mu itsinda riri gukemura iki kibazo, avuga ko imwe mu mpamvu zikomeye zateje ubukererwe ari politiki yemerera kugabanya ubutaka bwagenewe ubuhinzi, aho ibice byabwo biri munsi ya hegitari imwe nabyo bigabanywa hagamijwe gufasha ba nyirabwo kubona ibyangombwa by'ubutaka.

Ati: "Mbere ya 2021, ubutaka bw'ubuhinzi ntibwashoboraga kugabanywamo ibice bito. Kwemera ko bugabanywa kugira ngo ba nyirabwo babone ibyangombwa byatumye habaho ubwinshi bw'ibisabwa, nyamara abakozi ba Leta ku rwego rw'Akarere ni bake cyane.

Mu Turere twinshi haba hari umukozi umwe gusa, kandi afite n'izindi nshingano, ni yo mpamvu twe nk'ababarura ubutaka bikorera twatabaye."

Mu itegeko ryo mu 2013 ryagengaga ubutaka mu Rwanda, ubutaka bwagenewe ubuhinzi buri munsi ya hegitari imwe ntibwashoboraga kugabanywa.

Iryo tegeko ryaje kuvugururwa, bituma itegeko ryo mu 2021 rikuraho igipimo ntarengwa cy'ubuso bw'ubutaka bwagenewe ubuhinzi bushobora kugabanywa, nk'uko bisobanurwa n'ubuyobozi bwa NLA.

Nishimwe yagize ati: "Uwo ari we wese uguze igice cy'ubutaka bwagenewe ubuhinzi ahita yandikwa nk'uwabweguriwe. Ibi byemewe n'itegeko ririho ubu. Icyo dushimangira ni uko abantu batagabanya ubutaka bw'ubuhinzi bagamije kubwubakaho, bigaragarira mu gutunganya imihanda myinshi yinjira mu butaka."

Izi mpinduka zakurikiye Politiki y'Igihugu ku butaka yo mu 2019, aho yari igamije gukemura ibisabwa byari bimaze igihe byiyongera, cyane cyane mu irage ry'abavandimwe n'andi masezerano yo guhererekanya ubutaka.

Iyo politiki yasabye ko ubutaka bwose bw'ubuhinzi bushobora kugabanywa mu buryo bwemewe n'amategeko, bigatuma abafite imigabane babona ibyangombwa byabo ku giti cyabo.

**Amabwiriza mashya yo gupima ubutaka**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka cyatangaje ko cyashyizeho igitabo gishya cy'amabwiriza n'amahame yo gupima ubutaka, kigamije kunoza ishyirwaho ry'imbibi no gufasha mu gukemura amakimbirane.

Igitabo 'Cadastral Surveying Procedure Manual' gihuza amahame, ibisabwa n'amategeko ndetse n'ikoranabuhanga rigezweho, kigamije gukemura ibitagendaga neza mu gushyiraho imbibi z'ubutaka.

Igitabo gishya gisaba ababarura ubutaka gukurikiza intambwe zisobanutse, uhereye ku myiteguro, gutunganya amakuru no kuyohereza hifashishijwe urubuga Irembo.

Ubusanzwe abatunze ubutaka cyangwa ababugura ni bo basaba serivisi zo kubaruza ubutaka mu rwego rwo kubugabanya no kubona ibyangombwa byabwo (land titles) n'izindi mpamvu zitandukanye.

Gupima ubutaka bifasha kumenya neza imbibi z'ubutaka, bikarinda amakimbirane hagati y'abaturanyi no gutanga ibisobanuro nyabyo ku byerekeye nyir'ubutaka.

Igenzura nyaryo ry'ubutaka ni ingenzi mu ihererekanywa ry'ubutaka, irage, igabanywa cyangwa ihuzwa ryabwo, bikaba bituma ayo masezerano aba mu buryo bwemewe n'amategeko kandi akandikwa neza.

Mu gushyira imbibi ku murongo no kuzikomeza mu mibare no mu nyandiko za Leta, gupima ubutaka bigabanya amakimbirane kandi bigafasha kuyakemura mu mucyo no mu butabera.

Intego ya Leta ni ugukemura burundu ibibazo by'ikosora ry'imbibi bitarenze 2027, kandi ikazashingira cyane ku gupima ubutaka mu buryo bwihuse.


Certificate of Registration of Emphyteutic Lease

A LAND PARCEL SECTION

Kubaruza ubutaka bigiye kujya byihutishwa





# Ibiciro byiyongereyeho 8% mu 2025

IBIKURIKIRA URUP.1

k'Ugushyingo 2025.

Mu kwezi k'Ukuboza 2025, icyiciro cy'ibiribwa n'ibinyobwa bidasindisha cyiyongereyeho 3.6% ku mwaka, ariko kigabanyukaho 0.6% ugereranyije n'ukwezi kwabanje.

Ibinyobwa bisembuye, itabi byiyongereyeho 16.7% ku mwaka, mu gihe byagabanyutseho 0.5% ku kwezi.

Igiciro cy'inzu, amazi, amashanyarazi, gaze n'ibindi bicanwa cyiyongereyeho 8.4% ku mwaka, cyiyongeraho 0.3% ku kwezi.



Mu 2025, ibiciro byiyongereyeho 8% ugereranyije n'umwaka wa 2024

Ubuzima bwiyongereyeho 70.8% ku mwaka ariko buguma ku rwego rumwe ugereranyije n'ukwezi kwabanje.

Icyiciro cy'ubwikorezi cyiyongereyeho 9.4% ku mwaka ndetse cyiyongeraho 0.6% ku kwezi. Icyiciro cya resitora na hoteli cyiyongereyeho 17.4% ku mwaka, cyiyongeraho 0.1% ku kwezi.

Ibi bipimo bigaragaza ko ibicuruzwa byo mu gihugu byiyongereyeho 7.3% ku mwaka, ariko bigabanyukaho 0.2% ku kwezi, mu gihe ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga byiyongereyeho 10.1% ku mwaka ndetse byiyongeraho 0.4% ku kwezi.

Ibiciro by'ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi (fresh products) byiyongereyeho 3.6% ugereranyije n'umwaka ushize, ariko bigabanyukaho 1.2% ugereranyije n'ukwezi kwabanje.

Ibiciro by'ingufu (energy) byiyongereyeho 14% ku mwaka, ndetse byiyongereyeho 0.8% ku kwezi.

Ibiciro by'igipimo rusange hatabariwemo ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi n'ingufu (general index excluding fresh products and energy) byiyongereyeho 8.9% ku mwaka, byiyongeraho 0.3% ku kwezi.

# Indege za Oman Air zigiye kwagurira ibyerekezo mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo y'u Rwanda isanga ari intambwe ikomeye mu rugendo rwo kurushaho kwimakaza umubano ushingiye ku bukerarugendo, ubucuruzi n'ishoramari hagati y'u Rwanda na Oman.

Ubuyobozi bwa Oman Air na bwo bwashimangiye ko ingendo zihuza Kigali na Muscat zije kongerera imbaraga ukwihuza kw'ibihugu byombi mu kurushaho kubyaza umusaruro umubano bifitanye.

Ni ingendo kandi zitezweho kurushaho kongera amahirwe menshi y'ubucuruzi, ubukerarugendo n'ishoramari mu Rwanda no mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba (EAC) muri rusange.

Con Korfiatis, Umuyobozi Mukuru wa Oman Air, yagize ati: "Mu gihe dukomeje kwagura ibyerekezo mu masoko atanga icyizere cy'ubucuruzi kirambye, gutangiza serivisi zacu zerekeza i Kigali bishyigikira imikoranire ya bugufi irangwa hagati y'u Rwanda na Oman kandi bifungura amahirwe y'ubukerarugendo ku bihugu byombi."




Izo ngendo z'indege zije nyuma y'amasezerano yasinywe hagato y'u Rwanda na Oman

Yakomeje ashimangira ko iyo ntambwe ifasha impande zombi kurushaho guhuza ibice binyuranye bya Afurika n'amasoko ya Oman.

Ikindi kandi ngo bizafasha Abanyafurika kurushaho kuryoherwa na serivisi zinoze kandi zahawe ibihembo mpuzamahanga mu kwakira abantu muri Oman.

Mu gihe ingendo zashyiriweho gutangira muri Kamena 2026, biteganyijwe ko ari icyemezo gitegerejwe kwemezwa burundu n'inzego zishyiraho amabwiriza y'ingendo zo mu kirere.

Oman Air ikomeje kwagura ingendo mu bice bitandukanye by'Isi aho mu byerekezo iheruka gutangiza harimo ibyo mu mijyi y'i Burayi nka Amsterdam na Copenhagen, ibyerekezo byo mu Burasirazuba bwo Hagati nka Bagdad na Tais ndetse no mu Burasirazuba bwa kure, ahatangijwe ingendo zizahera muri Nyakanga 2026.

Leta ya Sultani ya Oman na Repubulika y'u Rwanda bikomeje kwishimira umubano mu bya dipolomasi umaze imyaka irenga 28, hakaba hari n'ubucuruzi bukorwa hagati y'ibyo bihugu bumaze gushinga imizi.

# Byinshi ku bakomando ba RCS barwanya imyigaragambyo mu magororero

KAYITARE Jean Paul

***Kimwe nk'izindi nzego z'umutekano, Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) na rwo rwashyizeho umutwe wihariye uzwi nk'Abakomando cyangwa 'Emergency Response Unity' (Special Force), ushinzwe kuburizamo ibikorwa byo gutoroka kw'abagororwa ndetse no guhosha imyigaragambyo mu gihe yaba ibayeho mu igororero.***

Ni umutwe ugizwe n'inkumi n'abasore basaga 150 bafite ubushobozi bwo guhosha imvururu zavuka mu igororero kandi bakabikora ku muvuduko udasanzwe ntawe bakomerekeje cyangwa na bo ubwabo ngo bakomereke.

Uyu mutwe ubarizwa kandi ugakorera imyitozo ku Ishuri ry'Amahugurwa rya RCS i Nsinda mu Karere ka Rwamagana, mu Ntara y'Iburasirazuba.

CSP Hillary Sengabo, Umuvugizi wa RCS, asobanura ko mu igororero ari ahantu hashyirwa abantu kugira ngo barindwe kuba batoroka ubutabera, kuba bahohotera abantu cyagwa na bo bakaba bahohoterwa.

Ni ahantu bashyirwa hihariye ariko bagera hakurikijwe amategeko n'ibyemezo by'umucamanza bihazana umuntu wahamijwe ibyaha kugira ngo arangize ibihano ku byaha yahamijwe n'urukiko.

Mu kiganiro cyihariye yagiranye na Imvaho Nshya, CSP Sengabo yagize ati: "Icyo gihe ahaba bitari ku bushake bwe ahubwo ni ku bushake bw'amategeko. Ni yo mpamvu ashobora gutoroka cyangwa kurwana ashaka kuhava, ni na yo mpamvu ashobora kuhaba atishimye.



Bafite ibikoresho bigezweho bibafasha mu kazi kabo

Ni nayo mpamvu rero dushyira uyu mutwe wihariye ku muntu waramuka ashatse kunanirana cyangwa kutubahiriza ariya mategeko. Ni ukuvuga umuntu aramutse akoresheje imbaraga mu gushaka gutoroka cyangwa se agashaka kurwanya abashinzwe umutekano w'Igororero, icyo gihe hitabazwa imbaraga zitari umurengera."

Akomeza agira ati: "Imbaraga z'umurengera, ni ukugufata ariko sinkukomeretse ariko nkanakubuza gukora icyo wari ugambiriye kugeraho. Niba ari ukwirukanka nkaguhagarika, niba unahagaze ariko ukaba urwana nkakubuza kunkubita cyangwa kugira undi ukomeretsa.

Ibyo ni byo twita umutwe wihariye ushobora gukoresha amaboko cyangwa n'ibindi bikoresho byabugenewe nka Ndembo, intwaro zirasa ibyuka biryana mu maso, amapingu cyangwa kunyanyagiza amazi akakubuza amahwemo yo kuba wakwiruka, kuba wasagarira abantu cyangwa kuba wasenya ibintu, dukoresheje amazi akaguturisha."

Ubuyobozi bw'Igororero busobanura ko mu mateka yo gushyiraho umutwe wihariye bivuze kwiyubaka k'urwego mu bijyanye n'abakozi n'ubushobozi ariko ngo ni n'uburyo bwo kubahiriza amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga.

CSP Sengabo avuga ko ngo nk'iyo hateganyijwe isaka rishobora gutuma abagororwa bakomereka, ushobora gukomeretsa uwo usaka cyangwa n'uwo ugiye gusaka akagukomeretsa.

Agira ati: "Icyo gihe rero bishobora kubyara ikindi kintu cyatuma ibintu bijya no mu nkiko. Uwakomerekejwe yaba usakwa, yaba uwagiye gusaka bakamukomeretsa bibyara ikindi cyaha cyangwa se ikindi kintu gishobora gufungisha cyangwa guhanwa kubera ko habayemo gukometsa.

Uwakomeretse cyangwa uwakomerekejwe bose bishobora kubagiraho ingaruka mu bijyanye n'amategeko."

Umuvugizi wa RCS, CSP Sengabo, avuga ko umutwe wihariye mu Igororero utaba mu Rwanda gusa ahubwo no mu bihugu by'i Burayi usanga amagereza yaho afite bene iyi mitwe yihariye.

Mu mateka y'amagororero ku Isi, hagiye hagaragara ibibazo by'abantu bafunze barega abashinzwe umutekano w'igororero kubakomeretsa.

Umugororwa ajyana ushinzwe umutekano w'Igororero mu rukiko, ushinzwe umutekano na we akiregura ko yari mu kazi. Ababikurikiranira hafi batekereza ko hari uburyo ikibazo cyakemurwa hatabayeho gukomeretsanya.

Kuri iyi ngingo, CSP Sengabo asobanura ko ari yo mpamvu byaje kugaragara yuko iyi mitwe yihariye y'abakomando isanzwe izwi mu gisirikare no mu gipolisi, ari abantu bitabazwa aho rukomeye cyangwa aho biri ngombwa.

Ati: "Iyo dukeneye gusaka cyangwa dukeka ko mu Igororero harimo ibintu bitemewe, tuvuge itabi, urumogi, inzoga hano hanze iremewe ariko mu igororero ntiyemewe. Turamutse duketse ko mu igororero hari inzoga yagezemo cyangwa itabi ryagezemo, duhita tuvuga ngo aka gace dukeka ko birimo nimugasake.

Abafite inzoga cyangwa itabi bashobora kurwana, bakirema itsinda ryo guhangana na ba bandi baje kubasaka. Icyo gihe iyo mudakoresheje uburyo bwihariye bwo kubinjiramo, babakomeretsa cyangwa namwe mukabakomeretsa mwitabara."

Umutwe wihariye w'u Rwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora, nturi mu Rwanda gusa kuko no muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika naho urahari, uzwi nka Special Operations Response Teams (SORT).

Muri Isiraheli hari umutwe wihariye mu Rwego rw'Igorora uzwi cyane nka Israel Prison Service (IPS).



CSP Hillay Sengabo, Umuvugizi wa RCS, yasuye umutwe wihariye (Special Force) yirebera imyitozo ihambaye ikorwa n'Abakozi ba RCS, umutwe wihariye



Bagendera ku migozi ku buryo bwihuse mu gihe baba bahuye n'ikibazo kibasaba gukoresha umugozi



Inkumi n'abasore b'umutwe wihariye wa RCS bafite imyitozo ihambaye





# Imiyoboro u Rwanda rufatanya n'ibindi bihugu iruteza ibura ry'amashanyarazi-MININFRA

SHEMA Ivan

***Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yatangaje ko kuba umuriro w'amashanyarazi ukomeje kubura bya hato na hato mu Gihugu, bishingiye ku miyoboro u Rwanda ruhuriraho n'ibindi Bihugu, gusa yizeza gukemura icyo kibazo.***

Byakomojweho n'Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA, Amb Uwihanganye Jean de Dieu, kuri uyu wa Kabiri tariki ya 6 Mutarama 2025, aho yihanganishije Abanyarwanda bagizweho ingaruka n'ibura ry'umuriro w'amashanyarazi ryabaye ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki ya 5 Mutarama 2026 hafi mu Gihugu hose.

Ni nyuma y'uko ku rubuga rwa X, uwitwa Robert Cyubahiro Mckenna yagaragarije MININFRA ko ibura ry'umuriro hirya no hino mu Gihugu rikomeje kuba inshuro nyinshi asaba ko bakurikirana imikorere y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) kiwufite mu nshingano.

Amb. Uwihanganye Jean de Dieu yavuze ko ibura ry'amashanyarazi mu Rwanda riterwa ahanini n'imikorere y'ayo mu bihugu bituranye na rwo.

Yagize ati: "Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, twiseguye ku Banyarwanda kubera ibura ry'umuriro w'amanyashanyarazi ryabaye mu gihugu no mu minsi ishize, ibibazo bibaye muri yo bitugiraho ingaruka."

Amb. Uwihanganye yakomeje agaragaza ko ibyo bibazo bitazahoraho kuko hafashwe ingamba zo kubikemura.



Ibura ry'amashanyarazi mu Rwanda riterwa n'ibindi bihugu bihurira ku miyoboro

Ati: "Ntibizahora gutyo, twatangiye ingamba zigamije kurinda birushijeho imiyoboro yacu no kugabanya izo ngaruka. Ni imishinga iriho ikorwa izafata umwanya ariko turabyihutisha. Tubijeje kuzabikemura vuba kandi tuzabimenyesha Abanyarwanda."

# U Rwanda rugiye kwakira inama ya Africa CEO Forum

KAYITARE Jean Paul

***U Rwanda rugiye kwakira inama ihuza abayobozi b'ibigo bitandukanye, abashoramari n'abanyapolitiki baturutse muri Afurika ndetse no hirya no hino ku Isi. Ni inama izwi nka 'Africa CEO Forum'.***

Biteganyijwe ko iyi nama izitabirwa n'abarenga 2 800. Umuhango wo kuyitangiza uteganyijwe kuva ku wa 14 kugeza 15 Gicurasi 2026 muri Kigali Convention Center.

Uretse Perezida Kagame, Africa CEO Forum itegerejwemo Alassane Ouattara wa Côte d'Ivoire, Jeremy Awori, Umuyobozi Mukuru wa Ecobank, Jim Ovia Umuyobozi Mukuru ari na we watangije Zenith Bank n'abandi banyacyubahiro.

Africa CEO Forum ni inama izenguruka mu bihugu bya Afurika. U Rwanda rugiye kuyakira ku nshuro ya Gatatu kuko ku nshuro ya mbere rwayakiriye mu 2019, rwongera kuyakira mu 2024.



U Rwanda rugiye kwakira inama 'Africa CEO Forum' ihuza abayobozi b'ibigo bitandukanye, abashoramari n'abanyapolitiki

Itegurwa n'ikigo Jeune Afrique Media Group gifite ikinyamakuru Jeune Afrique, gifatanyije na Sosiyete y'Abasuwisi, Rainbow Unlimited izobereye mu gutegura inama zikomeye zijyanye n'ubukungu.

Ni inama mpuzamahanga ihuriza hamwe abavuga rikumvikana mu rwego rw'abikorera muri Afurika barimo abacuruzi bakomeye, abayobozi b'ibigo, abashoramari n'abandi.

Kugira ngo umuntu umwe yemererwe kwitabira iyo nama y'iminsi ibiri, agomba kuba yishyuye amayero 1950 (hafi miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda).

Kuba ufite ayo mafaranga gusa ariko ntibiguha uburenganzira bwo kwitabira, ahubwo ugomba kuba uri n'Umuyobozi Mukuru cyangwa wungirije w'ikigo runaka cy'ubucuruzi, umufatanyabikorwa, Minisitiri w'Ubukungu, Imari cyangwa Inganda, Umuyobozi Mukuru w'ikigo cy'imari cyangwa Umujyanama wa Perezida mu by'ubukungu.

# Ikawa yinjirije u Rwanda miliyari 219 Frw mu 2025



Ikawa yinjirije amadovize menshi u Rwanda

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) cyatangaje ko Ikawa y'u Rwanda yagize umusaruro mwishi mu mateka aho mu 2025, iyoherejwe mu mahanga yinjije miliyoni 150 z'amadolari ya Amerika (miliyari 219,2 z'amafaranga y'u Rwanda).***

NAEB ivuga ko umubare w'ikawa yoherejwe mu mahanga wiyongereyeho 39 % ugereranyije n'umwaka wabanje wa 2024, mu gihe amafaranga yinjijwe yiyongereyeho 65%.

NAEB ivuga ko iri zamuka ryatewe no kwiyongera kw'ingano y'ikawa yoherezwa mu mahanga, izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga, ndetse n'ishoramari rikomeje gushyirwa mu kongera umusaruro no mu gushakisha amasoko mashya.

Imibare ya NAEB igaragaza ko kandi mu 2025 u Rwanda rwohereje mu mahanga toni 23 860 z'ikawa y'ibitumbwe, rwunguka asaga miliyoni 148,6 z'amadolari ya Amerika, akabakaba miliyari 216 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ibi bigaragaza intambwe ikomeye ugereranyije n'umwaka wa 2024, aho u Rwanda rwoherezaga toni 17.142 z'ikawa zinjirije Igihugu miliyoni zisaga 89.8 z'amadolari.

Iri zamuka rikomeye ry'amafaranga yinjijwe ryashimangiwe kandi n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga, aho impuzandengo y'igiciro cy'ikilo cy'ikawa y'u Rwanda cyiyongereyeho 19 % mu 2025, kigera kuri madolari 6.2 ni ukuvuga asaga ibihumbi 9 by'amafaranga y'u Rwanda ku kilo, ugereranyije na 2024.

Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Bizimana Claude yavuze ko kuba ikawa y'u Rwanda ikomeje gukundwa mu ruhando mpuzamahanga bigaragaza ko intego rwihaye yo kwinjira amafaranga menshi ku byoherezwa mu mahanga.

Yagize ati: "Ku bijyanye n'imikorere myiza yagaragaye mu 2025, bigaragaza ko u Rwanda ruri mu murongo mwiza wo kugera ku ntego yo kohereza mu mahanga toni z'ikawa 32 000 no kwinjiza miliyoni 192 z'amadolari ya Amerika bitarenze umusozo wa NST2 mu 2029."

**Isesengura ku byihutishije iri zamuka**

Bizimana yavuze ko umusaruro mwiza wabonetse mu 2025 watewe no kongera umusaruro w'ikawa ndetse no kwaguka kw'amasoko mpuzamahanga.

NAEB ivuga ko ikawa yongereye umubare bitewe n'ibiti by'ikawa byatewe ndetse bikanatangwa na NAEB ibiha abahinzi mu myaka itanu ishize, byageze mu gihe cyo gutanga umusaruro, kimwe no gutanga ifumbire no gukangurira abahinzi gukoresha uburyo bwiza bw'ubuhinzi.

Ibiciro byiza by'ikawa byatumye abahinzi bashora imari mu kwita ku mirima yabo uko bikwiye, mu gihe imiterere myiza y'ikirere na yo yafashije kongera umusaruro.

Ku rundi ruhande, izamuka ry'ibyoherezwa mu mahanga ryashimangiwe n'ingamba zo guteza imbere amasoko.

Bizimana yavuze ko NAEB yashyize imbaraga mu kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda ku masoko akirimo gutera imbere, by'umwihariko mu Burasirazuba bwo Hagati bw'Isi, ndetse no kongera kuyimenyekanisha mu masoko yihariye mu Burayi no muri Amerika y'Amajyaruguru.

Yongeyeho ko gahunda z'ingenzi nk'amarushanwa Best of Rwanda Coffee Competition zagize uruhare rukomeye mu kwerekana ubuziranenge bw'ikawa y'u Rwanda no gukurura abaguzi bashya ku rwego mpuzamahanga.

Nubwo ingano y'ikawa yoherejwe mu mahanga mu 2025 yari hafi kungana n'iyoherejwe mu 2019, aho yageraga kuri toni hafi 23,400, amafaranga yinjijwe mu 2025 yo yageze ku rwego rwo hejuru kurusha ayo ari yo yose yabayeho mu mateka y'u Rwanda.

Bizimana yagize ati: "Ku bijyanye n'amafaranga yinjijwe, 2025 yanditse amateka, irusha kure indi myaka yose yabanje."

Mu kiganiro yagiranye na TNT, Umuyobozi w'Ihuriro ry'Abohereza n'Abatunganya Ikawa mu Rwanda (CEPAR) Oreste Baragahorana, yavuze ko aya mafaranga menshi yinjiye ahanini yatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ikawa ku isoko mpuzamahanga, byatumye n'ibiciro u Rwanda rugurishaho ikawa byiyongera.

Yavuze ko iri zamuka ry'ibiciro, rihujwe n'ukwiyongera kw'ingano y'ikawa yoherezwa mu mahanga, byazamuye cyane amafaranga Igihugu cyinjije.

Yagaragaje kandi ko impinduka mu biciro by'ikawa ku rwego rw'Isi zigira ingaruka zikomeye ku musaruro w'amafaranga u Rwanda rubona mu kohereza ikawa mu mahanga.

Nubwo bimeze bityo, yavuze ko uru rwego ruri gutera imbere ku buryo bugaragara, bityo rukwiye gukomeza gushyigikirwa na Leta, bitewe n'uruhare rukomeye ikawa igira mu kwinjiriza Igihugu amadovize.

Yongeyeho ko igice kinini cy'amafaranga ava mu kohereza ikawa mu mahanga agera ku baturage bo mu cyaro, cyane cyane abahinzi.

Mu 2025, abahinzi binjije impuzandengo amafaranga y'u Rwanda 900 ku kilo cy'ikawa itonoye, arenga kure igiciro fatizo cy'amafaranga y'u Rwanda 600 ku kilo cyashyizweho na NAEB nk'igiciro gito ntarengwa abaguzi bagombaga kuguriraho abahinzi.

Baragahorana yagize ati: "Iri zamuka ry'ibyoherezwa mu mahanga ry'ikawa rifite akamaro kanini ku bukungu bw'u Rwanda, kuko kwiyongera kw'amadovize yinjira bifasha kugabanya no guhagarika izamuka rikabije ry'ibiciro ku isoko ry'imbere mu gihugu."

Yongeyeho ati: "Ibiciro biri hejuru bituma abahinzi barushaho kugira ubushake bwo gukomeza guhinga ikawa."

Yashimangiye ko ibi bitanga icyizere cy'iterambere rirambye ry'urwego rw'ikawa mu Rwanda.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Urubyiruko ruhujwe n'ikoranabuhanga runyeganyeza Isi*

Inkuru zikomeje guca ibintu ku mbuga nkoranyambaga zitandukanye ku Isi, zishamikiye ahanini ku ruzinduko rw'umusore w'imyaka 20 wo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ugaragaza amashusho y'uruzinduko rwe imbonankubone bigakurikirwa na miliyoni amagana z'abahérereye mu bice bitandukanye ku Isi.

Uyu musore wamamaye ku izina rya IShowSpeed, uheruka no mu Rwanda, akoresha ikoranabuhanga mu kugaragaza ibintu bidasanzwe ahura na byo mu bihugu ageramo byose, by'umwihariko ibifite aho bihurira na siporo, umuco, ahantu nyaburanga n'ibindi.

Ni urugero rwiza rw'uburyo imbaraga z'urubyiruko iyo zihujwe n'ikoranabuhanga, bishobora kubyara ubwamamare, guhanga imirimo itagira ingano, guhuza abatuye Isi n'ibice binyuranye n'andi mahirwe y'iterambere hifashishijwe ikoranabuhanga.

Uretse ubumenyi busabwa ku ikoranabuhanga, urubyiruko rufite amahirwe anyuranye yo kuba rukomeje gukurira mu Isi itanga amahirwe y'imirimo mishya itari yarigeze ibaho mu binyejana byahise.

Ku isoko ry'umurimo ry'uyu munsi, kugira ubumenyi mu by'ikoranabuhanga ni ingenzi cyane kubera ko amahirwe y'imirimo mishya ivuka yose ari ho ashingiye, mu gihe akazi kakorwaga mu buryo bwa gakondo kagenda gacika intege ndetse kakaba katagitanga umusaruro ushobora gutunga miliyari zikabakaba 10 z'abatuye Isi.

Mu bihe bya mbere y'Impinduramatwara mu by'ikoranabuhanga, ntibyabaga byoroshye kuba umuntu yakwigarurira imitima y'abatuye Isi atarahura na bo, ariko ku bw'iri koranabuhanga isoko ry'ibyo umuntu akora ntibikiri mu gace avukamo gusa kuko ibyo akora bimutanga n'ahandi ataragera, agakundwa n'abataramubona amaso ku maso.

Uretse no kumenyekana binyuze mu ikoranabuhanga, abantu bashobora no kugira ubucuruzi mpuzamahanga bubarusha kumenyekana, cyane cyane iyo ari bushya kandi butanga ibisubizo ku bibazo bihuriweho n'abatuye Isi, ikindi kandi bitanga n'umutekano n'icyizere bisesuye kandi mu buryo buhoraho.

Nubwo ibihuza abatuye Isi cyane akenshi biba bifite aho bihurira n'imyidagaduro cyangwa siporo, no mu bukungu, uburezi, ubuhinzi n'ubworozi, filozofiya n'izindi nzego, hashobora guhangwamo ibishya byakwigarurira imitima y'abatuye Isi bitewe n'uburyo bibafasha.

# U Rwanda ruyoboye Afurika mu bihugu byorohereje ubucuruzi mu 2025



U Rwanda ku isonga mu koroshya ubucuruzi mu 2025

UBWANDITSI

***U Rwanda rwahize ibindi bihugu muri Afurika, mu kugira politiki ifunguye ku bijyanye na viza, ku rutonde rwa Banki y'Isi rugaragaza uko ibihugu bishyiraho uburyo bworohereza ubucuruzi, uko byari bihagaze mu mwaka wa 2025, rugira amanota rusange ya 67.94.***

Muri iyi raporo yo mu 2025, Banki y'Isi yasuzumye ubukungu bw'ibihugu 29 byo muri Afurika.

U Rwanda, Maroc na Maurice, kimwe n'ibindi bihugu birindwi bya Afurika, ni byo byaje ku isonga ku rutonde rwa Banki y'Isi rwo mu 2025 ku bijyanye n'ibikorwa biteza imbere ubucuruzi, bigaragaza intambwe igaragara byateye mu ivugururwa ry'amategeko agenga ubucuruzi, kunoza imikorere n'imiyoborere myiza.

U Rwanda rugaragaza umusaruro mwiza cyane mu rwego rw'amategeko n'amabwiriza agenga ubucuruzi no mu mikorere n'imiyoboro y'ibikorwa, n'ubwo hakiri icyuho mu mitangire ya serivisi nziza za Leta.

Rwanashimwe by'umwihariko ku koroshya inzira n'ibisabwa, kugabanya ikiguzi cyo kubahiriza amategeko, no guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutanga serivisi zifasha ubucuruzi.

Mu mpera z'Ukuboza 2025, Banki y'Isi yasohoye igitabo cya kabiri cya raporo yiswe Business Ready (B-Ready) 2025, aho yasimbuye igipimo cyahoze cyitwa Doing Business. Iki gipimo cya B-Ready kiragutse kurusha icyahozeho.

Gihuza amategeko n'amabwiriza n'uko ashyirwa mu bikorwa mu by'ukuri, by'umwihariko uko ibigo by'ubucuruzi bikorana no kubahiriza amategeko, inzira zinyurwamo n'imikorere y'inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'ibanze.

Raporo ya B-Ready 2025 yubakiye ku yasohotse mu 2024, yari yarasuzumye ubukungu bw'ibihugu 50, ikanashingira ku bitekerezo by'abantu hafi 5 000 bo mu bihugu bitandukanye, barimo impuguke mu mategeko n'inzobere mu nzego zitandukanye.

Uburyo Banki y'Isi yakoresheje muri iyi raporo nshya bwari bukubiyemo ubushakashatsi bwakozwe ku bigo by'ubucuruzi 58 000 n'impuguke 5 000 mu bihugu 101 ku Isi, bikaba ari urugero runini kurusha izindi raporo zabanje.

Iyi raporo ikurikirana icyiciro cyose cy'ubuzima bw'ikigo cy'ubucuruzi, igamije gufasha mu gushyiraho ivugururwa riteza imbere ishoramari, udushya no guhanga imirimo.

Isuzuma ku korohereza ubucuruzi mu bihugu 101 ku Isi hashingiwe ku bushakashatsi ku bigo n'impuguke, ikanashingira ku nkingi eshatu zirimo urwego rw'amategeko n'amabwiriza, ubwiza bwa serivisi za Leta, n'imikorere n'inzira n'ibikorwa by'ubucuruzi.

Maroc iri ku mwanya wa kabiri muri Afurika n'amanota 63.44, iri hejuru y'impuzandengo y'Isi kandi irusha ibihugu byinshi byo mu karere. Yateye imbere mu rwego rw'amategeko n'amabwiriza no muri serivisi za Leta, igira amanota ari hejuru y'andi yo mu karere mu nzego zimwe na zimwe z'ingenzi zirimo amashanyarazi n'ubucuruzi mpuzamahanga, n'ubwo imikorere igifite imbogamizi ugereranyije n'izindi nzego.

Ikirwa cya Maurice, kiri ku mwanya wa gatatu n'amanota 63.20, yakomeje kuguma hafi ku rutonde rwa Afurika. N'ubwo yagabanyutseho umwanya umwe ugereranyije n'ibipimo byabanje, Maurice ikomeje kuba igihugu gifite umutekano gikirura ubucuruzi muri Afurika.

# Gicumbi: Aborozi bahamya ko amatungo magufi yabahinduriye ubuzima



Nizeyimana yagurishije ingurube, aguramo inka ya 400 000 Frw

NYIRANEZA Judith

***Aborozi bo mu Karere ka Gicumbi bahawe amatungo magufi arimo ihene, intama, inkoko n'ingurube, bahamya ko yabafashije kwikura mu bukene, bakiteza imbere, bibahindurira ubuzima.***

Ayo matungo bahawe n'umushinga PRISM wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, by'umwihariko ingurube, bavuga ko zororotse, bakagurisha, noneho amafaranga bakuyemo akabafasha kwagura ubworozi, hari abaguzemo izindi ngurube, ihene ndetse n'abaguze inka.

Nizeyimana Elias wo mu Mudugudu wa Kirwa, mu Kagari ka Mubuga, mu Murenge wa Miyove mu Karere ka Gicumbi yavuze ko mbere yo korozwa ingurube n'umushinga PRISM yari abayeho mu buryo bucibiritse, ariko nyuma byamugejeje ku bworozi bw'inka.

Yagize ati: "Umushinga PRISM wageze mu Midugudu ya Kagote na Kirwa, baduhaye ubworozi bw'ingurube, turazorora bakajya baduha n'ibyo kuzigaburira, zirakura zirabwagura, ubwa mbere ingurube yabwaguye ibibwana 10, ubwa kabiri 9, ubwa 3 ibwagura 6.

Byaramfashije, yarabwaguraga nkizigama […] yabyaye inshuro 6, nkuramo amafaranga y'u Rwanda 400 000 nguramo inyana irakura, irima, irabyara none ubu irakamwa litiro 5 ku munsi."

Yavuze kandi ko PRISM yabigishije bakorora kijyambere.

Ati: "PRISM yatwigishije umushinga, uba ipfundo ryo korora natwe tubigira umwuga. Baduhaye ingurube imwe, ziriyongera ziba 3, kandi tuzakomeza guteza imbere n'abandi."

Nizeyimana yavuze ko ubufatanye ari bwo bwa mbere mu muryango, ni ryo shingiro ry'urugo, twese turafatanya.

Icyerekezo ni ukorora akazakomeza no koroza abandi.

Umuturanyi we yavuze ko ubworozi bwafashije umuryango wa Nizeyimana kwiteza imbere.

Yagize ati: "Ubworozi bw'ingurube bwarabakundiye, bakajya bagurisha bakabona amafaranga nyuma twagiye kubona tubona boroye n'inka."

Umuyobozi w'Umushinga PRISM, Nshokeyinka Joseph yavuze ko ari umushinga ugamije guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi, cyane cyane wibanda ku bagore n'urubyiruko bari mu cyaro, anagaragaza bimwe mu byagezweho.

Yagize ati: "PRISM ni umushinga wo guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi, ukorera mu Turere 15. [….] Hari ingurube 3000 zagombaga kugurwa none haguzwe 3 077 bingana na 102,5%, naho ku ngurube 12 000 zo kwitura hatanzwe 6 265 bingana na 52,2%."

Umuyobozi Wungirije w'Akarere ka Gicumbi ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwera Parfaite yavuze ko umushinga PRISM wahinduye ubuzima bw'abaturage, kuko bigishijwe bagahindura imyumvire.

Ati: "Imikorere y'umushinga, ni umushinga wagize uruhare runini mu mpinduka y'imibereho myiza y'abaturage kuko mu ntangiriro uretse ibikorwa remezo bifatika twatangiriyeho n'umushinga, ariko hakaba n'ibindi nko ku rwego rw'abaturage bahawe amatungo magufi, bagahabwa n'ibikoresho bibafasha kwita kuri ya matungo, ariko baranigishwa, bigahindura imyumvire n'uburyo bwo kwita kuri ya matungo."

Yongeyeho ati: "Aho umushinga wagiye ukorera wahinduye imibereho yo mu ngo z'abaturage, kuko umuturage ufite itungo rigufi nubwo n'Akarere kacu turi imbere cyane mu matungo marermare, ndavuga inka, ariko amatungo magufi afasha mu buzima bwa buri munsi, mu mibereho y'abaturage."

Yagarutse kuri bimwe mu bipimo byagabanyije ubukene cyane cyane mu bahawe amatungo magufi.

Ati: "Icya mbere ni ukurandura ubukene, aho twishimira yuko uyu mushinga n'indi itandukanye n'abafatanyabikorwa byafashije Akarere kubona imibereho y'ingo z'abaturage bihinduka, aho mu 2024 twagabanyije ubukene nibura kugera kuri 13,3%. Igipimo gifatika cyerekana ko iyo urugo rurimo itungo, imibereho ihinduka, abana bakajya ku ishuri, utabonaga amazi hafi akaykururira, gukurura umuriro w'amashanyarazi."

Ikindi mu kwigisha abaturage habaho no kubashyira mu matsinda yo kubitsa no kuzigama, tubona ko cyatuzamuye, umuntu zana make afite n'undi make afite tugashyira hamwe imbaraga tukaba twakora igikorwa gifatika. Arikokwa kuzigama, uko mbona make, bimfasha kuba na

PRISM ni umushinga wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (IFAD), binyuze muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo giteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

Ni umushinga ukorera mu Turere 15, harimo Burera, Gakenke, Gicumbi, Musanze na Rulindo two mu Ntara y'Amajyaruguru, Gisagara, Huye, Nyamagabe, Nyaruguru na Ruhango two mu Ntara y'Amajyepfo na Karongi, Ngororero, Nyabihu, Nyamasheke na Rutsiro two mu Ntara y'Iburengerazuba.



Ubworozi bw'ingurube yahawe n'mushinga PRISM bwamugejeje ku nka





KAYITARE Jean Paul

# Abanyekongo bahungiye mu Rwanda ntibashaka u Burundi mu bibazo bya RDC

***Impunzi zaturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ziba mu nkambi zitandukanye mu Rwanda, zivuga ko zidashaka igihugu cy'u Burundi mu bibazo bya Congo kuko bukomeje kuba muri icyo gihugu, ari na ko bwica Abanyekongo bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda.***

Izi mpunzi zabigarutseho mu myigaragambyo zakoreye mu Mujyi wa Kigali ku wa 07 Mutarama 2026. Ni imyigaragambyo yakorewe kuri za Ambasade zitandukanye zirimo iya Amerika, Angola, u Bwongereza, New Zealands, iy'u Buyapani n'izindi ziri i Kigali.

Munyakarambi Sebutezi Edison umaze mu Rwanda imyaka irenga 13 mu Nkambi ya Kigeme i Nyamagabe, yavuze ko bafitiye icyizere za Ambasade kandi ko zizabafasha kubwira ubutegetsi bwa RDC kumva ko na bo bafite uburenganzira kandi bakeneye ubutabera no gutaha.

Yahamirije Imvaho Nshya ko ubwo bigaragambyaga bageze kuri Ambasade y'u Burundi ariko ntibushake no kubavugisha mu gihe ngo ari bumwe mu bihugu Abanyekongo badashaka ko byinjira mu bibazo bireba Abanyekongo.

Ati: "U Burundi ntidushaka ko bujya mu bibazo by'Abanyekongo kuko ntabwo buzi uburemere bw'ibibazo twebwe Abanyekongo dufite."

Yahishuye ko ubwo bigaragambyaga bageze kuri Ambasade y'u Burundi mu Mujyi wa Kigali ariko ntibubakire. Hiyongeraho ko ubwo baherutse kwigaragambya bitabagendekeye neza kuri iyi Ambasade kuko bahamaze isaha batarakirwa.

Ati: "Tubona Ambasade y'u Burundi ifitanye gahunda na RDC kuko n'igisirikare cy'u Burundi cyabaye muri Congo mu gihe Ingabo zari mu butuma bw'Umuryango wa Afurika y'Amajyepfo (SADC) [...] abandi bavuye mu bice barimo nka Uganda ariko u Burundi ntabwo bwigeze burekura ibyo bice nka Mushaki n'ahandi.

Uyu munsi u Burundi bukomeje kuba ku izima rya mbere, ni na yo mpamvu batatwakira. Ni cyo




Impunzi z'Abanyekongo zahungiye mu Rwanda zirasaba u Burundi kutivanga mu bibazo bya RDC

kidutangaza kuko ntabwo tuzi impamvu bihambira bumva ko Congo yakomeza kugira umutekano muke, no kumva Umunyekongo yaguma mu buhunzi.

Ubushize twarahageze (Ambasade y'u Burundi) tubabwira icyari kituzanye bo bagira ngo tuje guhangana kandi twebwe kwari ugutanga ubuhamya gusa ariko tunababgayira yuko bivanga mu bibazo byacu, banga kutwakira."

Bifuza ko ibihugu bitakomeza guceceka ngo Umututsi, Umuhima n'Umunyamulenge atotezwe, cyangwa yicwe azira uko yavutse, n'usa na we ahigwe.

Munyakarambi avuga ko ingabo z'u Burundi ubwo SADC yari mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), byarangiye itashye ariko ingabo z'Abarundi zigasigara zonyine muri Congo.

Ati: "Ntabwo tuzi icyo basigaye bakora. Nk'ejobundi Uvira ifatwa na AFC/M23 Twirwaneho, twabonye uruhande Abarundi bahagazemo kugeza n'uyu munsi.

Turashimira AFC/M23- Twirwaneho babonye ko dukomeje gutotezwa, turavukana ni abavandimwe bacu nka Gen. Makenga iwabo ni i Nyanzare, Congo iramuzi ko ari Umunyekongo, yakoreye n'igisirikare cya Congo baramuzi, ni uko yabonye atakomeza kugendera muri icyo kigare, arahaguruka n'abandi bari kumwe na we bafata intwaro."

Avuga ko impunzi z'Abanyekongo zishengurwa nuko amahanga abwira AFC/M23 Twirwaneho gusubira inyuma, ibintu zifata nk'ibizikomeretsa.

Agira ati: "Ni ukudukomeretsa kandi agace bayoboye ari ko gace dukomokamo ari na ko karimo umutekano kandi nta vangura bakora, umunyekongo wese uri muri ako gace aratekanye.

Icyizere cyo gusubira kuri gakondo yacu turagifite, ikibazo dufite ni icyo cyo kugira aho bagaragaza ko bamaze kuhafata amahanga akitambika, agasiba kwitambika mu bibazo ahubwo akitambika aho babona hari umutekano, bashaka ko basubira inyuma."

**U Burundi bwanywanye n'Ubutegetsi bwa Perezida Tshisekedi**

Umunyamabanga Mukuru w'Ishyaka CNDD-FDD, Reverien Ndikuriyo, ubwo yari kumwe n'abarwanashyaka ba CNDD-FDD, yagaragaje ko nta mutwe wa M23 ubaho ahubwo ngo ari u Rwanda rurwana muri Congo.

Ubutegetsi bwa Congo bwavuze igihe kirekire ko burwana n'u Rwanda bukavuga ko Abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda ari Abanyarwanda.

Ibi bihugu byombi byagiranye amasezerano y'ubufatanye bituma Perezida Evariste Ndayishimiye yohereza abasirikare barenga 20 000 mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Ubuyobozi bw'Ihuriro AFC/M23- Twirwaneho bwavuze ko aba basirikare bagose Abanyamulenge bari bavuye guhaha, babashinja gutwara imbunda mu bikapu byabo. Icyo bafashe ku ngufu abagore banicamo abaturage bababshinja gukorana n'abo bita Umwanzi.

Ndikuriyo, Umunyamabanga Mukuru wa CNDD-FDD, ubwe yivugiye ko ubwo Uvira yafatwaga n'igisirikare cya AFC/M23 Twirwaneho (ARC) ubwato bwakoreshejwe bwazanywe n'imodoka z'u Rwanda.

Yakomeje agira ati: "Uvira si M23 ni u Rwanda. [...] Uvira niba Abanyarwanda bahafashe, imipaka irafungwa nk'i Gasenyi no kuri Ruhwa, ntimuvuge ngo nzajya i Uvira, uzajyayo gukora iki? Igihugu kirindwa ku mpamvu zose zishoboka."

Impuguke mu bya Politiki zivuga ko uku gukomeza kwigizayo Abanyekongo bakabita ko ari Abanyarwanda, bigaragaza umugambi mubi ubutegetsi bwombi bufitiye Abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda.



U Rwanda na Brazil byasinyanye amasezerano y'ubufatanye

# U Rwanda na Brazil biyemeje ubufatanye buhamye mu iterambere

ZIGAMA Theoneste

***Rwanda na Brazil byiyemeje ubufatanye buhamye mu nzego zitandukanye zirimo umubano mu bya Dipolomasi hagati y'Inteko zishinga Amategeko kurengera ibidukikije, guteza imbere Siporo n'ibindi.***

Byagarutsweho ubwo Ambasaderi wa Brazil mu Rwanda, Irene Vida Gala yakirwaga na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda umutwe w'Abadepite Hon. Kazarwa Gerturde, kuri uyu wa Kane tariki ya 8 Mutarama 2026.

Ibiganiro byabo byibanze ku kwimakaza umubano mwiza hagati y'u Rwanda na Brazil, kongera ubufatanye mu bukerarugendo binyuze muri Gahunda ya Visit Rwanda, ibidukikije, ubuhahirane no gushyira imbaraga mu mikoranire y'Inteko zishinga Amategeko.

Hon Kazarwa yabwiye itangazamakuru ko ubwo bufatanye bw'ibihugu byombi butanga icyizere mu iterambere.

Yashimangiye ko nubwo abaturage ba Brazil ari bake mu Rwanda ariko ibyo impande zombi zaganiriye bigamije guteza imbere ishoramari, urwego rw'uburezi ibyo bikazatuma abaturage ku bwinshi kandi bagasura u Rwanda.

Ati: "[...] Ambasaderi wa Brazil aba afunguye imiryango kugira ngo abo muri Brazil baze mu Rwanda barumenye nk'igihugu cyiza kandi gikwiye guturwamo no kubamo."

Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'Abadepite, Hon Kazarwa, yavuze ko mu byo baganiriye harimo gufatanya n'u Rwanda guteza imbere siporo, kuko Brazil ari igihugu cyateye imbere mu mikino binyuze muri uru rwego. Bizatuma abagituye basura u Rwanda cyangwa abaruturamo bavuye muri Brazil bazakomeza kwiyongera.

Ku rundi ruhande Ambasaderi wa Brazil mu Rwanda, Irene Vida, yatangaje ko mu minsi iri imbere igihugu cye kizakira abanyeshuri b'Abanyarwanda muri gahunda y'imikoranire ihuriweho n'ibihugu byombi mu bijyanye n'uburezi.

Umubano w'u Rwanda na Brésil watangiye mu 1981 ndetse kuva icyo gihe ibihugu byombi byagiye bisinya amasezerano. Nko mu 2019, ibihugu byombi byasinyanye amasezerano yo gufatanya mu byerekeye ingendo z'indege azwi nka 'Bilateral Air Service Agreement (BASA).'

Mu 2011 na bwo hasinywe andi masezerano y'ubufatanye bugamije kwihaza mu biribwa. Brésil ni cyo gihugu cya mbere ku Isi cyeza ikawa, soya, ibisheke n'amaronji ku bwinshi.

Kuva mu 2022, u Rwanda rutumiza ingano muri Brésil, runasanzwe kandi rutumizayo ibirimo isukari.

# Rulindo: Isoko ry'amatungo magufi ryubatswe ryayazamuriye igiciro

NYIRANEZA Judith

***Isoko ry'amatungo magufi ryubatse mu Murenge wa Base, mu Karere ka Rulindo, aborozi bavuga ko ryatumye baca ukubiri no kubura amatungo yabo, kuko mbere amatungo yabacikaga, hakaba ubwo bayabuze, kandi byanayazamuriye ibiciro.***

Umwe mu bacuruza amatungo yavuze ko mbere batarubakirwa isoko, akenshi iyo imvura yagwaga, ihene zabacikaga, bityo bagahomba, ariko aho bubakiwe isoko n'ibiciro by'amatungo byarazamutse, kuko afite aho abarizwa.

Ntahombasize Bosco, ucuruza amatungo wo mu Kagari ka Cyoha, mu Murenge wa Base, mu Karere ka Rulindo yavuze ko mbere bacururizaga mu mashyamba no mu kibuga, amatungo yabacikaga, ariko aho umushinga PRISM ububakiye bacuruza nta mpungenge bafite.

Ati: "Umushinga PRISM utaratwubakira isoko twabaga mu kibuga i Kiruri ariko nabwo twahageze tuvuye mu ishyamba mu Rutembe, iyo imvura yagwaga wasangaga tunyagiranwa n'amatungo, cyane cyane ihene zitinya imvura, zarirukankaga zikazimira.

Kuri ubu hubatswe isoko harimo urugi barakinga tukajya kugama, dufite naho kugama hariya [...] Aho isoko ryahagereye byakemuye icyo kibazo, kuko n'iyo umuntu abuze itungo rye araza hano ni mu giterane akarishaka akaribona kandi n'amatungo yagize agaciro, ibiciro byarazamutse."

Yakomeje asobanura ko n'agaciro k'amatungo kazamutse kuko bakiri mu mashyamba abajyagayo kubahahira babaga ari bake, bakanabanahenda.

Yagize ati: "Tugikorera mu kibuga, ihene nziza yabaga igura nk'amafaranga y'u Rwanda 45 cyangwa 50, ubu igeze mu majana."

Mukeshimana Clementine wari waremye isoko, yavuze ko kuba ryubatse bituma bahaha neza.

Ati: "Iri soko ritaraza byaratugoraga, tukajya kubona itungo bituvunnye, ariko ubu iyo riri bureme tujya mu isoko tugahaha neza kuko amatungo aba yateraniye mu isoko."

Yongeyeho ati: "Kuva twabona isoko ryubatse neza, ubu dusora neza nta kibazo, mbere tukiba mu ishyamba ihene zaraducikaka tukayoberwa aho twazibona, ariko ubungubu baratwubakiye ntaho ihene yanyura kandi matungo yongerewe agaciro."

Umuyobozi Wungirije w'Akarere ka Rulindo Rugerinyange Theogene, yavuze ko kuba harubatswe isoko ari mu rwego rwo guteza imbere ubworozi muri ako Karere kandi ko ibikorwa baba babifite mu mihigo, ikaba ari ibikorwa bihindura ubuzima bw'umuturage.

Yagize ati: "Ibikorwa by'umushinga PRISM byahinduye ubuzima mu buryo bugaragara, dufite isoko, ni igikorwa remezo dushima aho umuturage ukeneye kujyana itungo rye, afite aho arijyana kandi hazwi ndetse bikanadufasha no mu mutekano wayo matungo ."

Iryo soko ry'amatungo rirema kabiri mu cyumweru, ku wa Gatatu no ku wa Gatandatu, rikazanwamo amatungo magufi agizwe n'inkoko, imbata, dendo, inkwavu, ihene n'intama.




Kugira isoko ry'amatungo ryubakiye byazamuye igiciro cy'amatungo





# U Rwanda na Oman byasinyanye amasezerano 4 y'ubufatanye



Minisitiri Nduhungirehe Olivier yahuye na mugenzi we wa Oman

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda rwateye indi ntambwe yo kurushaho kwagura ubutwererane rufitanye na Leta ya Oman, aho ibihugu byombi byasinyanye amasezerano y'ubutwererane mu nzego enye ari zo serivisi z'ubwikorezi bw'ibicuruzwa, Ubwikorezi bwo mu Kirere, Amasezerano y'ubufatanye mu iterambere ndetse n'ay'ikoranabuhanga no guhanga ibishya.***

Ayo masezerano yashyizweho umukono n'itsinda ry'u Rwanda rigaragiye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Nduhungirehe Olivier uri mu ruzinduko rw'akazi muri icyo gihugu, n'abahagarariye Guverinoma ya Oman.

Minisitiri agaragiwe na ba Minisitiri batanu biteguye kugirana ibiganiro byihariye na bagenzi babo bo muri Oman mu kurebera hamwe uburyo ibihugu byombi byarushaho kwimakaza ubutwererane mu nzego zinyuranye, kandi bufitiye akamaro abaturage bo ku mpande zombi.

Mu birebana na serivisi zo gutwara ibicuruzwa, ibihugu byombi byiyemeje gufatanya kubaka icyambu cyo ku butaka ndetse no gutangiza ibikorwa byacyo, bikajyana no kubaka uruhererekane rwa serivisi z'ubwikorezi bw'ibicuruzwa.

Mu bwikorezi bwo mu kirere, ibihugu byombi byasinyanye amasezerano atuma Sosiyete y'Ubwikorezi bwo mu Kirere cya Oman (Oman Air) ibona amahirwe yo gutangiza ingendo zihuza Kigali na Muscat muri Kamena uyu mwaka.

Mu birebana n'iterambere, Urwegp rw'u Rwanda rw'Iterambere (RDB) n'Ikigo gishinzwe gucunga Ibibuga by'Indege muri Oman basinyanye amasezerano agena ishoramari rizakorwa ahazengurutse Ikibuga Mpuzamahanga cya Kigali cy'i Bugesera.

Mu birebana n'ikoranabuhanga, Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MICT) y'u Rwanda n'iya Oman, byashyize umukono ku masezerano agamije kwakira santeri y'amakuru y'ikoranabuhanga, serivisi zo kubika amakuru mu buryo bwagutse, kubaka ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga no kwimakaza ikoranabuhanga ry'Ubwenge Muntu Buhangano (AI).

Minisitiri w'Ubwikorezi, Itumanaho n'Ikoranabuhanga Eng. Bin Said bin Hamoud al Maawali, yavuze ko amasezerano mashya yashyizweho umukono ajyanye n'intego ya Guverinoma ya Oman yo kurushaho kwagura ubufatanye mu guteza imbere ubwikorezi bw'abantu n'ibintu ndetse n'ubw'ubucuruzi, kwimakaza ikoranabuhanga rigezweho n'iterambere hibandwa ku mikoranire na Afurika y'Iburasirazuba.

Ku rundi ruhande, i Muscat muri Oman, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Nduhungirehe Olivier yagiranye ibiganiro byihariye na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Oman Badr Albusaidi.

Ibiganiro bagiranye byibanze ku kurushaho kongerera imbaraga ubutwererane bw'u Rwanda na Oman mu nzego z'ingenzi z'inyungu ibihugu byombi bihuriyeho.

U Rwanda na Oman bishimiye umubano ibihugu byombi bifitanye watangiye muri Werurwe 1998, ariko n'ubundi abacuruzi bo muri Oman batangije ubucuruzi mu Rwanda mu myaka y'intangiriro za 1900.



U Rwanda na Oman basinyanye amasezerano



Ubwo hasinywaga amasezerano y'ubufatanye mu nzego zitandukanye

# Rubavu: Bubakiwe Ikigo cy'ikoranabuhanga cyatwaye miliyoni 928 Frw



Rubavu Community Center yubatse n'ibibuga by'imyidagaduro

NGABOYABAHIZI Protais

***Urubyiruko rwo mu Karere ka Rubavu rwishimiye gutangira umwaka wa 2026 rufite ikigo cy'Ikoranabuhanga n'imyidagaduro Rubavu Community Centre) cyuzuye gitwaye miliyoni 928 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Uru rubyiruko ruvuga ko iyi ari intambwe ikomeye mu iterambere ry'abakiri bato muri iyi Si ikomeje kwimakaza ikoranabuhanga mu nzego zose, kandi bakaba banabonye amahirwe yo kurushaho kwidagadura no kubaka amagara mazima.

Iki kigo cyubatswe mu Murenge wa Rubavu, Akagari ka Byahi, ku buso bwa metero kare 7 000, kikaba kigizwe n'inyubako ifite igorofa rimwe, icyumba mberabyombi cy'imyidagaduro, ibyumba bizatangirwamo amasomo y'ikoranabuhanga, amasomo y'imyuga y'igihe gito, ubuzima bw'imyororokere n'imyidagaduro itandukanye.

Hanubatswemo kandi ibibuga by'imikino irimo Basketball, VolleyBall na Tennis, bigamije gushimisha no guteza imbere impano z'urubyiruko.

Jane Uwase, umunyeshuri w'imyaka 21, avuga ko yishimiye kiriya kigo kuko aho guta umwanya bari mu tubari cyangwa izindi ngeso mbi bazajya bahagana abidagadura bakabona umwanya n'abakora ubushakashatsi ku ikoranabuhanga bakaba bahawe rugari.

Yagize ati: "Ndishimye cyane kubona ikigo nk'iki mu Karere kacu. Nzajya niga amasomo y'ikoranabuhanga hano kandi nishimira ko nzajya nerekana impano zanjye mu mikino n'imyidagaduro. Ni amahirwe akomeye kuri twe urubyiruko, aho kwirirwa mu mayira n'izindi ngeso mbi kubera kubura icyo dukora."

Eric Habimana na we avuga ko kuba babonye ikigo bazajya bidagaduriramo bagakoreramo ibijyanye n'ikoranabuhanga ari ibintu bishimiye bikaba intambwe ikomeye mu bumenyi bwabo buziyongera.

Yagize ati: "Iki kigo ni intambwe ikomeye. Kizatuma twiga imyuga itandukanye twihangira imirimo, bidufasha no kwirinda ubushomeri. Ndanezerewe kubona aha hantu hashya hazahurira urubyiruko rwose."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rubavu Ruhamyambuga Olivier, avuga ko icyo kigo kizafasha urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa kubona urubuga rwo kwihugura, kugaragaza impano zabo no kwidagadura mu buryo bufite inyungu.

Yagize ati: "Iki kigo ni intambwe ikomeye mu guteza imbere urubyiruko, kikabafasha kwiteza imbere no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu."

Agace ka Byahi kubatswemo iki kigo, kari mu Tugari dutuwe cyane n'urubyiruko, kandi kari hafi y'Umujyi wa Rubavu, aho hakenerwa cyane ibikorwa bibaganisha ku iterambere n'imyidagaduro.

Ibibuga bya Basketball na VolleyBall byamaze kuzura, mu gihe icya Tennis kiri kugana ku musozo.

Urubyiruko rwo muri aka gace ruvuga ko iki kigo ari impano ikomeye bahawe isoza umwaka wa 2025, bakizera ko kizabafasha guhindura ubuzima bwabo, kwihugura, kugaragaza impano zabo no gutanga umusanzu ugaragara mu iterambere ry'Igihugu.

Rubavu Community Centre yubatswe n'Akarere ka Rubavu mu rwego rwo guteza imbere urubyiruko no kurushyira ku isonga mu iterambere, ikaba ije yiyongera ku bindi bigo by'urubyiruko bisanzwe biri muri aka Karere birimo ibya Rugerero na Busasamana.



Ibiro byUmurenge wa Shangi

# Nyamasheke: Umwana yishe undi amukubise isuka mu mutwe amwitiranyije n'ifuku

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Umwana w'imyaka 7 yakubise isuka mu mutwe mugenzi we ubwo bacukuraga amafuku bimuviramo urupfu mu Mudugudu wa Kabere, Akagari ka Shangi, Umurenge wa Shangi, Akarere ka Nyamasheke.***

Umwana wakubiswe isuka mu mutwe yakomeretse bikomeye ku buryo byatumye agwa mu Bitaro bya Bushenge.

Uwavuganye na Imvaho Nshya yavuze ko abo bana batavukana, umukuru akaba yakubise umuto agira ngo ni ifuku izamutse atabonye ko mugenzi we ari kureba mu mwobo.

Ati: "Yakubise isuka cyane atabonye ko mugenzi we ari kureba mu mwobo, ayimwasa mu mutwe igice cy'inyuma undi agwa igihumura, uwari ukubise isuka ahita yiruka ajya kubivuga, abo abibwiye baje basanga umwana aracyari hasi arira cyane anavirirana amaraso mu mutwe, bamujyana ku Bitaro bya Bushenge ari ho yaguye."

Inzego z'Ibanze zatabajwe zirihuta zikoresha n'inama yo guhumuriza ababyeyi babo bana bombi n'abaturanyi babo.

Yakomeje agira ati: "Ababyeyi b'abana bombi na bo bemeje ko ari impanuka, nta bushake bundi burimo."

Umwe wo mu muryango wapfushije umwana na we yavuze ko babifashe nk'impanuka yabaye, cyane ko n'ababyeyi bombi ari abaturanyi basanzwe babanye neza, nta watumye umwana gukubita isuka mugenzi we.

Ati: "Urupfu rw'umwana wacu twarwakiriye nk'impanuka isanzwe, ni umunsi w'umuntu uba wageze, nta kibazo twarugizeho, cyane ko n'uwabikoze ari umwana nka we, bigaragara ko nta kindi kibazo cyari kirimo."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Shangi Habimana Innocent, na we yavuze ko nyuma yo kubona ko ari impanuka isanzwe umwana yakubise isuka mugenzi we atabishaka, cyane ko ari na we watabaje amaze kubikora.

Ati: "Ababyeyi twabahaye, turanakomeza kubaha ubutumwa bwo kujya bakurikiranira hafi abana babo, ntibabashyire hafi ibintu bishobora gukomeretsa cyangwa kwica ngo abana babikinishe. Kuko nk'aba bakinishaga isuka iyo ababyeyi bayibika aho badapfa kugera batari kuyifata ngo bayikinishe kugeza ubwo umwe ayikubita undi."

Yasabye abanyeyi kurinda abana gukinisha ibikoresho bishobora kubakomeretsa, birinda kubishyira aho abana babibona.





# Nyamasheke: Ikamyo yikoreye sima yabirindutse ikomeretsa bikomeye umushoferi

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Ikamyo yari itwaye sima iyivanye ku ruganda rwa sima nyarwanda (CIMERWA), yakoze impanuka irabirinduka ikomeretsa bikomeye umushoferi wayo witwa Ntirivamunda Roger w'imyaka 48, ahita ajyanwa mu Bitaro bya Bushenge.***



Ikamyo yarenze umuhanda ikomeretsa umushoferi

Iyo modoka yakoze impanuka ahagana saa saba z'igicuku gishyira ku Cyumweru tariki 11 Mutarama 2026, igeze mu Mudugudu wa Rukerereza, Akagari ka Kanazi, Umurenge wa Ruharambuga, Akarere ka Nyamasheke.

Umwe mu bahageze iyi mpanuka ikiba akanafasha mu gukuramo uyu mushoferi, yavuze ko byari byabanje kunanirana hakitabazwa ibyuma, yabwiye Imvaho Nshya ko umushoferi wari uri muri iyi modoka wenyine, yageze muri aka gace kamanuka cyane kanarimo amakorosi menshi, imodoka ita umuhanda irahirima, irubama, icyo hejuru kireba hasi.

Ati: "Umushoferi yari arimo wenyine. Ntituzi niba ari feri yabuze, yari yasinziriye, ari umunaniro cyangwa ikindi kibazo, twahageze dusanga yabirindutse umushoferi yahezemo ariko agihumeka."

Yakomeje agira ati: "Kubera ko kabine (cabine) na yo yari yibirinduye, umushoferi kwivanamo ntibyari kumushobokera, byasabye ko hashakishwa ibyuma byo guca kabine ngo tubone uko tumusohoramo, ku bw'amahirwe tumusohoramo ari muzima. Yari yakomeretse bikomeye mu gahanga ariko yahise atabarwa. Imbangukiragutabara y'Ibitaro bya Bushenge yaje iramutwara ajya kuvurwa."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ruharambuga Uwimana Damas, yabwiye Imvaho Nshya ko yari impanuka ikomeye yanabaye mu masaha agoye ko umushoferi ahita atabarwa ariko ku bw'amahirwe yatabawe atarahasiga ubuzima.

Ati: "Kariya gace yaguyemo gakunze kuberamo impanuka cyane, cyane cyane amakamyo aba apakiye sima. Tubona ari ikibazo gikwiye kwigwaho n'ababishinzwe hakongerwamo ibyapa byo mu muhanda, cyangwa hagakorwa ku buryo amakamyo mbere yo kuhagera yajya abanza agahagarara."

Yongeyeho ati: "Kuko aba apakiye cyane, yashyushye, kubanza guhora byagabanya ziriya mpanuka, n'abashoferi bakabanza kuruhuka. Hakanabaho gusobanurira abashoferi ububi bwa kariya gace, cyane cyane ku makamyo ahamanuka apakiye. Bagahora bibutswa ko atari heza, bagomba kuhaca bitonze."

Umuvugizi w'Ishami rya Polisi rishinzwe umutekano wo mu muhanda SP Emmanuel Kayigi, yavuze ko umushoferi yageze muri ako gace k'umuhanda, kamanuka, karimo amakoni menshi, gukata ikoni rihari biramunanira imodoka irenga umuhanda igonga umukingo igwa igaramye.

Ati: "Umushoferi yakuwemo yakomeretse yoherezwa kuvurirwa mu bitaro bya Bushenge. Hanangiritse imodoka na sima. Tubona impanuka yatewe no kutaringaniza umuvuduko w'ikinyabiziga bitewe n'aho yari ageze."

Yatanze ubutumwa bugira buti: "Abakoresha umuhanda cyane cyane abashoferi, barasabwa kubahiriza ibyapa biri ku muhanda kuko haba hanarimo ibitanga umuburo. Bakirinda kubyirengagiza nkana kuko bigira ingaruka zo gukora impanuka. Gufata umwanya bakaruhuka, bakanaruhura imodoka igihe bafite urugendo kuko ari ingenzi."

# Kayonza: Umuhanda ugana ku ugana kuri Video uzashorwaho miliyari 1,5 Frw

HITIMANA Servand

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza buhamya ko umuhanda w'ibilometero 4,5 ugana kuri Video ukomereza ahitwa ku Mbuto z'Amahoro uteganyirizwa gushyirwamo kaburimbo ukazuzura utwaye miliyari 1,5 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Biteganywa kandi ko uyu muhanda FAWE-Video-Gahini Hospital-Imbuto z'Amahoro uzajya ukorwa mu byiciro aho buri mwaka uzajya utwara nibura miliyoni 35 z'amafaranga y'u Rwanda zo kuwitaho buri mwaka.

Byagarutsweho nyuma y'uko abaturage b'Umurenge wa Gahini n'abandi bawukoresha bahuriraga mu bikorwa byo gutangira gukora igice cyawo cya FAWE-Video kirimo gushyirwamo laterite mu gihe hataratangira gushyirwamo kaburimbo.

Abo baturage bishimira ko icyo gice cy'uyu muhanda wa kilometero 4 cyatangiye gukorwa, bakagaragaza ko babangamirwaga n'uburyo uwo muhanda wari warangiritse.

Gutangiza ikorwa ry'uyu muhanda byabaye ku wa 10 Mutarama, aho abatuye Umurenge wa Gahini bifatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza mu muganda wihariye.

Uwo muhanda wagaragaragamo ibinogo byinshi ndetse abawukoresha bakavuga ko wabagoraga yaba mu mvura kuko wanyereraga naho mu zuba ukagira ivumbi ryinshi.

Mutabazi Emmy ukora ubucuruzi mu Mujyi wa Kayonza, agira ati: "Twishimiye ko ubuyobozi butangije ibikorwa byo gutunganya uyu muhanda. Twakomeje gusaba ko wakorwa kuko watuvunaga cyane. Nkanjye nkorera mu mujyi ariko ngataha, usanga utwaye ikinyabiziga cyangirikaga vuba kubera ibinogo, waba utega moto na bwo ukagera kuri kaburimbo wabaye ivumbi ugahindura imyenda."



Umuhanda urakorwa ukanatsindagirwa

Umulisa Emmerance na we ati: "Uyu muhanda wari umeze nabi pe! Turashimira ubuyobozi ko bugiye kuwudukorera. Buri wese acyumva iki gikorwa yahise yitabira kubera inyota dufitiye uyu muhanda, batwijeje ko ugiye gutunganywa ugatsindagirwa ndetse mu minsi iri imbere ugashyirwamo Kaburimbo. Turishimye cyane ni iyi Kayonza twifuzaga."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza Hategekimana Fred, yavuze ko uyu muhanda ugiye gukorwa ku ikubitiro ushyirwamo laterite ukanatsindagirwa kandi bigakorwa mu buryo buhoraho, kugeza ushyizwemo Kaburimbo mu minsi iri imbere.

Ati: "Uyu muhanda w'ibilometero 4 uzakomeza gusanwa na ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko bakora mu bikorwa byo kwita ku mihanda, bakazawukora kugeza hashyizwemo kaburimbo izanakomereza ku Bitaro bya Gahini uciye kuri Videwo na Kaminuza y'u Rwanda Koleji ya Rukara."

Yaboneyeho gusaba abaturage kujya bawubungabunga kugira ngo amafaranga awushorwaho azabyazwe umusaruro binyuze mu kuwukoresha neza.

# Gatsibo: Begerejwe uruganda ruzatanga metero kibe 8 000



**Mu Murenge wa Rwimbogo bishimiye ko bagiye kwegerezwa amazi meza**

**HITIMANA Servand**

***Abaturage batuye ahitwa i Kabeza mu Kagari ka Munini, Umurenge wa Rwimbogo ho mu Karere ka Gatsibo, bishimiye uruganda rw'amazi barimo kubakirwa rwitezweho kizajya rutanga meterokibe nibura 8.000 ku munsi.***

Bavuga ko uru ruganda rugeze ku kigero cya 78% rwubakwa ku nkengero z'Ikiyaga cya Muhazi, ruje nk'igisubizo cy'ikibazo cyo kubura amazi cyari cyarabaye karande.

Bavuga ko bongeye kugira icyizere cy'uko imiyoboro y'amazi bubakiwe mu mwaka wa 2018 igiye kubonekamo amazi, nyuma y'uko isoko bafatiragaho mbere yari yabuze ubushobozi.

Mukiza Bertrand, umwe muri abo baturage, yagize ati: "Twabanje kwizezwa ko tugerwaho n'amazi aturutse ku isoko ya Cyampirita muri Matunguru ariko ntabwo amazi yatugezeho nubwo umuyoboro wayo wo wari wakozwe twakomeje kuvoma amazi mabi twakuraga mu gishanga."

Bavuga ko uruganda nirwuzura ruzagira uruhare rukomeye mu gukira kurwaragurika kubera umwanda uturuka ku gukoresha amazi mabi yo mu bishanga.

Nyiransabimana Mariya, umwe mu baturage bo muri Kabeza, yavuze ko ubuzima butagira amazi meza bubagoye cyane.

Yagize ati: "Tubayeho mu buzima butagira amazi. Aka gace ni ho ushobora gusanga abana bakibyimba inda atari uko babuze ibyo kurya ahubwo biturutse ku gukoresha amazi mabi abatera inzoka, ariko n'umwanda ugasanga rugeretse."

Mu mwaka wa 2024 ubuyobozi bw'Akarere bwari bwijeje aba baturage ko bazagezwaho amazi aturutse ku Isoko ya Minago.

Aba baturage bavuga koko imiyoboro yavuguruwe ariko n'ubundi amazi akomeza kuba iyanga.

Mutesi Yagize ati: "Amazi yakomeje kutubana make n'ubundi turacyajya kurwanira kuri Nayikondo imwe tugira. Abenshi tumanuka hepfo mu gishanga cy'umuceri akaba ariho tuvoma. Biraduhangayikishije cyane. Turasaba ko twahabwa amazi ku buryo buhoraho kuko amazi ari ubuzima."

Musonera Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rwimbogo, avuga ko amazi yagejejwe i Kabeza mbere yabaga ari make ku buryo bayabona rimwe na rimwe.

Ati: "Amazi muri kariya gace aracyari ikibazo kuko hakozwe umuyoboro ndetse imiyoboro y'amazi inanyuzwa mu Mudugudu, abaturage batuyemo bamwe banayakuruza mu ngo zabo ariko aza kugira imbaraga nke ntiyabasha kuhagera uko byifuzwa."

Kuri ubu ngo hari icyizere ko iki kibazo kigiye kubonerwa igisubizo giturutse ku ruganda runini rw'amazi ruri kubakwa i Murambi ku nkengero z'Ikiyaga cya Muhazi.

Sekanyange Leonard, Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, agira ati: "Ubuyobozi bwakomeje gukora ibishoboka ngo i Kabeza babone amazi ariko bikagorana cyane ko buriya bari ku ruhande iyo amazi ari make ahagera yacitse intege. Igisubizo cyizewe ni uruganda runini ruzatanga amazi menshi mu Mirenge ya Kiziguro, Rugarama na Rwimbogo."

Yakomeje avuga ko harimo gukorwa icyiciro cya mbere cy'uru ruganda rwitezweho gutanga metero kibe 8.000.

Hari gukorwa icyiciro cya mbere, aho mu minsi ya vuba abaturage bacu bose bari muri buriya bice bazaba bagerwaho n'amazi meza kandi ahagije."

Kugeza ubu inzego zishinzwe ibikorwa remezo mu Karere ka Gatsibo zigaragaza ko ikigero cyo kugeza amazi meza ku baturage kigeze kuri 78%.

Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje ko mu mwaka wa 2029 ingo zose zizaba zigerwaho n'amazi meza nk'uko bikubiye mu cyiciro cyakabiri cya Gahunda ya Guverinima y'imyaka itanu yo kwihutisha Iterambere (NST2).



**Abashumba bazambije abaturage baboneshereza ndetse hakaba nabo bambura**

# Musanze: Batewe inkeke n'abashumba babateza umutekano muke

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Musanze, by'umwihariko abo mu Murenge wa Cyuve, Akagari ka Bukinanyana, bavuga ko batewe impungenge n'umutekano muke baterwa n'abashumba b'inka bavuga ko baba baturutse mu yindi Mirenge ndetse no mu tundi Turere, cyane cyane aka Nyabihu.***

Abo baturage basaba inzego bireba kubafasha gukemura iki kibazo mbere y'uko kivamo amakimbirane akomeye hagati y'abahinzi n'aborozi.

Abaturage bavuga ko iki kibazo cyakajije umurego muri ibi bihe by'isarura ry'ibishyimbo, ibigori n'amasaka, aho bamwe mu borozi bava mu Karere ka Nyabihu no mu yindi Mirenge ya Musanze bakazana inka zabo mu Murenge wa Cyuve kugisha.

Abaturage bavuga ko aba borozi, ngo basiga izi nka mu maboko y'abashumba badafite ibyo kurya, bigatuma batangira kwambura abaturage imyaka yabo, harimo n'ibirayi n'ibindi bihingwa.

Umwe mu baturage bo mu Mudugudu wa Mwidagaduro wahawe amazina ya Nkundimana, avuga ko abashumba baba bitwaje inkoni ku manywa na nijoro umuturage uvuze bakazimuhondaguza.

Yagize ati: *"Iyo abashumba bazanye inka zabo ino ugahura na bo mu mayira no mu mirima yacu, wavuga bakaguhondagura kugeza unegekaye. Twagerageje kubabwira ko kutwoneshereza atari byiza, ariko aho kubahiriza ibyo dusaba baradukubita. Hari igihe bahitamo kunyura mu murima wawe, ukavugira imyaka yawe bakagukubita inkoni. Ibi bituma tubaho mu bwoba bukabije."*

KOMEZA KU RUP.15





# Rusizi: Yafatanywe urumogi munsi y'uburiri

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Nzacahinyeretse Aaron w'imyaka 30 ubana n'umugore n'umwana mu Mudugudu wa Rushakamba, Akagari ka Kamashangi, Umurenge wa Kamembe, Akarere ka Rusizi,yatafanwe urumogi munsi y'uburiri.***

Ni urumogi yagurishije abasore aho mu Rushakamba, asubiye iwe kuzana urwari ruhasigaye inzego z'umutekano zari zahawe amakuru zirumufatana munsi y'uburiri aryamaho.

Uwahaye amakuru Imvaho Nshya, yavuze ko nyuma y'aho hagaragariye abasore mu itangazamakuru bidoga ko banywa bakanacuruza urumogi ku mugaragaro, isoko ryabo riri aho mu Rushakamba mu mujyi wa Rusizi, byahagurukije ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi, ubw'Umurenge wa Kamembe, abaturage n'inzego z'umutekano zihakorera.

Batangira gushakisha abagaragara muri ibi bikorwa bitemewe.



**Nzacahinyeretse Aaron yafatanywe n'urumogi**

Ati: "Aha mu rushakamba hahise hashyirwa irondo ryihariye ry'abantu 4 bahirirwa kumanywa n'abandi 4 baharara buri joro, bafatanya n'inzego z'umutekano, abaturage bakoreshwa inama basabwa gutanga amakuru ku bo bakeka banywa bakanacuruza urwo rumogi."

Avuga ko bamwe batangiye gufatwa, bituma abarucuruzaga ku mugaragaro bacika intege, batangira kurucuruza rwihishwa ariko bacungana n'inzego z'umutekano n'amakuru y'abaturage atari aboroheye.

Ati: "Ni muri urwo rwego, Nzacahinyeretse Aaron usanzwe akekwaho kunywa no gucuruza urumogi wanabifungiwe imyaka hafi 3, yazindukiye mu Rushakamba afite udupfunyika tw'urumogi tutamenywe umubare,ahageze ahasanga abasore bari bamutegereje ararubaha, irondo rimubona, ryanga guhita rimukanga ngo ataricika n'abo basore."

Avuga ko amaze kurubaha abasore bagiye, asubira iwe kuzana urwo yari ahasize, amakuru aratangwa mu nzego z'umutekano, zimugenda runono, akinguye urugi ngo yinjire mu nzu ziba zamugezeho ziramwinjirana ziramusaka, zimusangana udupfunyika tubirir twarwo munsi ya matora aryamaho ku musego."

Yunzemo ko yahise ashyirwamo amapingu ashyikirizwa urwego rw'ubugenzacyaha (RIB) sitasiyo ya Kamembe, akaba ari ho afungiye.

Umwe mu batuye mu Mudugudu wa Rushakamba wakunze kuvugwaho kuba indiri y'abagizi ba nabi barimo abambuzi, abanywi n'abacuruzi b'ibiyobyabwenge muri uyu mujyi, avuga ko batatse igihe kirekire, ariko ko babona bitangiye gukemuka, ubuyobozi n'inzego z'umutekano babihagurukiye, amaherezo hazatekana nk'ahandi muri uyu mujyi.

Ati: "Ubwo batangiye kujya babagwa gitumo bakabasangana urwo rumogi, n'ibyo tugenda twibwa tukayoberwa aho birengeye amaherezo bizagenda biboneka dutekane. Nibagenzure no mu nzu zicumbitsemo abakora uburaya kuko hari byinshi tubura bijyanwayo, ingamba zifatwa kuri aba banywa bakanacuruza urumogi zinafatwe no kuri abo bose tuzahumeka."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kamembe, Ingabire Joyeux avuga ko nyuma y'aho hagaragaye abidoga kunywa no gucuruza urumogi ku mugaragaro aha mu Rushakamba, hatangiye ibikorwa byo kubafata no kubakoma mu nkokora.

Ati: "Icyo gihe twahise dufatamo 7, dukorana inama n'abatuye uriya mudugudu, batwemerera uruhare rwabo mu gutungira agatoki ubuyobozi aho bakeka ibyo bikorwa hose."

Yongeyeho ati: "Twahise tuhashyira irondo ryihariye, iry'amanywa ry'abantu 4 basimburwa n'abandi 4 b'ijoro, duhashya ibyo bikorwa bibi kuko uretse uriya warufatanywe mu nzu, hari abandi 3 twafatiye aho mu Rushakamba barunywa,bose bashyikirizwa RIB,sitasiyo ya Kamembe ngo bakurikiranwe kuko kiriya ari icyaha gihanwa n'amategeko y'u Rwanda."

Ashimira abaturage bakomeje kubyitwaramo neza batanga amakuru afasha mu gutahura aba bakoresha ibiyobyabwenge usangamo cyane cyane urubyiruko, bikarwangiza kandi ari imbaraga z'igihugu, akanasaba ababa bakigerageza gukoresha ibyo biyobyabwenge kubireka kubera ingaruka mbi zabyo.

# Musanze: Batewe inkeke n'abashumba babateza umutekano muke

IBIKURIKIRA URUP.14

Undi muturage wahawe izina rya Manzi na we avuga ko hari abahinzi bagiye bakubitwa bikabaviramo kujya mu bitaro.

Yagize ati: *"Twari tumaze kweza imyaka yacu dutegereje kuyisarura, ariko abashumba bashumuramo inka, tukagerageza kubabuza bakaduhondagura. Twumva ubuyobozi butadufashije, ibi byabyara amakimbirane adashira hagati yacu n'aborozi."*

Umuyobozi w'Umudugudu wa Mwidagaduro, Nyirasafari Sawiya, ashimangira ko iki kibazo gihari koko, anavuga ko abashumba baba bashoreye inka nyinshi, baturutse mu bindi bice.

Yagize ati: *"Abo bashumba baba bashoreye inka ni nk'ibihazi, iyo bakoneshereje ukavuga bahita baguhondagura. Hari n'umwana baherutse gukubita arapfa. Twakimenyesheje ubuyobozi bw'Akarere kadusaba gutanga raporo y'abashumba n'abazerereza inka. Ubu dutegereje icyakorwa, kuko abo bashumba no mu nzira badutegeramo, ni na bo bambura abantu. Nsaba aborozi kwita ku bashumba babo."*

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Nsengimana Claudien, avuga ko iki kibazo bakimenye kandi ko bagifatiye ingamba zo kugikumira burundu.

Yagize ati: *"Ikibazo cy'abashumba bahungabanya umutekano twarakimenye, kandi twiyemeje kugikemura burundu. Hari aho bamwe bakubita abaturage, baboneshereza imyaka, cyane ko baba mu rwuri rutazitiye, bigatuma kubera imibereho yabo bahitamo kwiba no kwambura abantu. Amakuru abaturage baduhaye twayahaye agaciro, ari na yo mpamvu twahagurukiye iki kibazo."*

Yakomeje avuga ko inzego zitandukanye zifatanyije mu kugikumira, buri wese mu ruhande rwe.

Yagize ati: *"Abaveterineri, Inkeragutabara ku rwego rw'Imirenge, Polisi, Ingabo, abakuriye DASSO, abayobozi b'Imirenge n'utugari bose twakoze inama. Twemeje ko nta nka ikwiye kuzerera mu nzira, twiyemeza kubarura inka zose kugira ngo hamenyekane izavuye ahandi zije kugishishwa. Twasabye aborozi ko mu minsi 15 buri wese agomba kuba afite ikiraro kibamo inka ze."*

Ubuyobozi bw'Akarere bwongeye gusaba abaturage kwirinda amakimbirane ashobora kubaviramo gukomereka cyangwa gutakaza ubuzima, anizeza ko hari ingamba zafashwe zo gukumira ibi bibazo hakiri kare.

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IBINYABIZIGA BYA HYCOGEC CONSULTANT**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**",ibiherewe ububasha na **HYCOGEC CONSULTANT Ltd**, iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko kuwa kane taliki **15/01/2026** saa tanu z'amanywa **(11h00)** izagurisha muri cyamunara ibinyabiziga bikurikira:

| Nº | MODEL | QTY |
|---|---|---|
| 1 | SCHACMAN/SX3255DT384 | 2 |
| 2 | MITSUBISHI FUSO | 2 |
| 3 | ISUZU CARGO | 1 |
| 4 | TOYOTA RAV4 | 1 |
| 5 | YAMAHA AG100 | 6 |

Gusura ibyo kinyabiziga bikorwa buri munsi mumasaha y'akazi aho HYCOGEC ikorera **KICUKIRO-NIBOYE ku muhanda KK21AV 41** arinaho cyamunara izabera.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura cash amafaranga **5000**RWF adasubizwa yo kwiyandikisha ndetse n'ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni imwe (**1,000,000RWF**) kuri buri modoka n'ibihumbi Magana atanu(**500,000 RWF**)kuri buri moto cash cg cheque certifie mu mazina ya CYAMUNARA RWANDA LTD, aherwaho mukwishyura.
- ✓ Utsindiye ikinyabiziga asabwa kwishyura **30%** ikiguzi bitarenze umunsi wa cyamunara ndetse na **70%** asigaye bitarenze iminsi itatu y'akazi ikurikira umunsi wa cyamunara.
- ✓ Utsindiye ikinyabiziga ntiyishyure ikiguzi cyose, ingwate ye ndetse na 30% arafatirwa akazakoreshwa mu gutegura indi cyamunara kandi agatakaza uburenganzira kuricyo kinyabiziga kigasubizwa ku isoko.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze

Ukeneye ibindi bisonuro cg kugurisha imitungo iyo ariyo yose:**0787334130/0788822147**

**Bikorewe i Kigali, kuwa 10/01/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'ISAMBU IFITE Hegitari 1.5 kuri MUHAZI IFITE VIEW KU MAZI**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**",ibiherewe ububasha na ben'umutungo,iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko kuwa gatatu taliki **21/01/2026** saa munani z'amanywa **(14h00)** izagurisha muri cyamunara umutungo ukurikira:

| Nº | UMUTUNGO | AHO UHEREYE |
|---|---|---|
| 1 | **UPI:5/09/05/1571 +** | Iburasirazuba,Rwamagana,Musha,Nyabisundu,Bwiza |

Gusura uwo mutungo bikorwa buri munsi aho uherereye havuzwe haruguru hafi y'akabali kitwa FISH PUB arinaho cyamunara izabera turi mu mazi turya n'agafi!

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni eshanu (**5,000,000RWF**) aherwaho mukwishyura.
- ✓ Utsindiye umutungo asabwa kwishyura ikiguzi cyose bitarenze iminsi itatu y'akazi ikurikira umunsi wa cyamunara.
- ✓ Utsindiye umutungo ntiyishyure ikiguzi cyose, ingwate ye irafatirwa ikazakoreshwa mu gutegura cyamunara yawo kandi agatakaza uburenganzira kuri uwo mutungo ugasubizwa ku isoko.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze

Ukeneye gusura isambu hamagara:**0783616078**
Ukeneye kugurisha imitungo iyo ariyo yose hamagara:**0787334130/0788822147**

**Bikorewe i Kigali, kuwa 07/01/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMITUNGO YA SMS Ltd**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**",ibiherewe ububasha na **SMS** Ltd,iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko kuwa gatatu taliki **14/01/2026** saa tanu z'amanywa **(11h00)** izagurisha muri cyamunara imitungo ikurikira:

| Nº | IKIGURISHWA | INGANO |
|---|---|---|
| **1** | **MOTO YAMAHA YCZ 125** | **9** |
| **2** | **GENERATOR NTO** | **42** |
| **3** | **POMPE Y'AMAZI** | **1** |

Gusura Iyo mitungo bikorwa buri munsi aho iherereye mu kigo SMS Ltd KACYIRU ku kazu k'amazi ari naho cyamunara izabera.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura cash amafaranga **5000**RWF adasubizwa yo kwinjira ndetse n'ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni imwe (**1,000,000 Rwf**) aherwaho mukwishyura.
- ✓ Utsindiye umutungo asabwa kwishyura ikiguzi no kuwutwara bitarenze umunsi cyamunara yabereho.
- ✓ Utsindiye umutungo ntiyishyure ikiguzi cyose, ingwate ye irafatirwa ikazakoreshwa mu gutegura cyamunara yawo kandi agatakaza uburenganzira kuri uwo mutungo ugasubizwa ku isoko.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze

Ukeneye kugurisha imitungo iyo ariyo yose hamagara:**0787334130/0788822147**

**Bikorewe i Kigali, kuwa 07/01/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMODOKA YA INTERPEACE**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "**CYAMUNARA**",ibiherewe ububasha na INTERPEACE iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko kuwa gatanu taliki **16/01/2026** saa munani z'amanywa **(14h00)** izagurisha muri cyamunara umutungo ukurikira:

| Nº | VEHICLE TYPE | PLATE | YEAR OF MANUFACTURE |
|---|---|---|---|
| 1 | TOYOTA HILUX VIGO | RAF272Q | 2015 |

Gusura icyo kinyabiziga bikorwa buri munsi KIMIHURURA mu kigo INTERPEACE iruhande rwo ku kabindi imbere ya CESTAR arinaho cyamunara izabera.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwifuza kugura muri iyi cyamunara asabwa kwishyura cash amafaranga **5000**RWF adasubizwa yo kwinjira ndetse n'ingwate y'ipiganwa ya Miliyoni eshanu (**5,000,000RWF**) aherwaho mukwishyura.
- ✓ Utsindiye ikinyabiziga asabwa kwishyura ikiguzi cyose bitarenze iminsi itatu y'akazi ikurikira umunsi wa cyamunara.
- ✓ Utsindiye ikinyabiziga ntiyishyure ikiguzi cyose, ingwate ye irafatirwa ikazakoreshwa mu gutegura cyamunara yacyo kandi agatakaza uburenganzira kuricyo kinyabiziga kigasubizwa ku isoko.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubataguze

Ukeneye gusura ikinyabiziga hamagara:**0783011370**
Ukeneye kugurisha imitungo iyo ariyo yose hamagara:**0787334130/0788822147**

**Bikorewe i Kigali, kuwa 07/01/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**





## ITANGAZO RY'ISOKO



# Gatsibo: Gukubitwa n'umugore n'abana byamuteye kwimanika

**HITIMANA Servand**

***Umugabo wo mu Karere ka Gatsibo mu Murenge wa Ngarama Akagari ka Karambi yapfuye yimanitse mu mugozi aho abaturanyi bakeka ko urwo rupfu rukomoka ku makimbirane yo mu muryango ngo akaba yakubitwaga n'umugore n'abana be.***

Inkuru y'urupfu rwa Uzabakiriho Evariste yamenyekanye kuri uyu wa Kane aho yasanzwe yimanitse mu giti.

Abaturanyi babonye ibyo byago bababajwe n'urupfu rwa Nyakwigendera bavuga ko kwiyahura kwe byaba bifitanye isano n'amakimbirane yahoraga mu rugo rwe.

Kamuhangire Diomede yagize ati: "Twababajwe cyane no gusanga uyu mubyeyi yashizemo umwuka kandi apfa urupfu rudasanzwe aho yapfuye atari arwaye. Mu by'ukuri uyu muryango usanzwe urangwamo intonganya nyinshi aho abaturanyi twajyaga dutabara bari kurwana. Uyu mugabo yari afite abana bamaze gukura aho bajyaga bamuhuriraho bakamukubita."


Mukeshimana Angelique na we yagize ati: "Aba bantu bahoranaga amakimbirane ku buryo bukomeye. Gusa twatunguwe no kubona byageze aho uyu mubyeyi afata umwanzuro wo kwiyambura ubuzima. Byatubabaje cyane. Ikintu bitugaragarije ni uko abantu bakwiye kujya bakurikiranira hafi ibibera mu miryango abafite imitima yagize agahinda gakabije bakababa hafi, bityo ibibazo bikaba byakemurwa hakiri kare."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ngarama Niyonzima Felicien yemeje aya makuru avuga ko umurambo wajyanywe mu bitaro bya Ngarama kugira ngo ukorerwe ipimwa anasaba abaturage kwirinda amakimbirane.

Ati: "Ni byo, aya makuru twayamenye ndetse inzego z'ubuyobozi n'izumutekano zahageze dusanga umuntu yapfuye bigaragara ko yiyahuye ariko yajyanwe kwa muganga kugira ngo icyemezo cya nyuma gitangazwe na muganga ubifitiye ububasha."

Yasabye abaturage kwirinda amakimbirane kuko amakuru y'ibanze agaragaza ko ibibazo byabaye bifitanye isano n'amakimbirane, Bityo yibutsa abaturage kujya bagaragaza ahari amakimbirane yo mu miryango bityo aho bishoboka abantu batandukanywe aho kugira ngo bizabyare imfu.

Nyakwigendarera yapfuye afite imyaka 42 akaba asize umugore n'abana batanu barimo abakobwa bane n'umuhungu umwe.



**Umugabo wo mu Murenge wa Ngarama mu Karere ka Gatsibo bikekwa ko yiyahuye kubera gukubitwa n'umugore n'abana**

# Nyamasheke: Afungiwe gukubita Gitifu ashinja kumwimisha imfashanyo y'abibasiwe n'amapfa

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Kuri sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwa Shangi mu Karere ka Nyamasheke, hafungiye Ndagijimana Félix w'imyaka 44 y'amavuko, ukurikiranyweho gukubita no gukomeretsa, Ngabonziza Principe uyobora Akagari ka Mariba, Umurenge wa Nyabitekeri, amushinja kumukura ku rutonde rw'abahabwa imfashanyo y'ibigori bibasiwe n'amapfa.***

Ni nyuma y'izuba ryinshi ryacanye muri uwo Murenge imyaka ikumagara ntiyere none abaturage biganjemo abahinzi barashonje.

Byabaye mu ijoro rishyira tariki ya 8 Mutarama, 2026 ubwo uyu muyobozi yari ari kumwe n'abandi bakora ubugenzuzi bw'irondo no kureba niba utubari twubahiriza amabwiriza.

Gitifu Ngabonziza Principe yabwiye Imvaho Nshya ko yari kumwe n'abagize nyobozi z'Imidigudugu n'inkeragutabara zikorera muri ako Kagari, bafatanya kugenzura imikorere y'irondo n'iy'utubari, bahura na Ndagijimana Félix yasinze avuye mu kabari.

Ati: "Yatubajije abo turi bo mubwira ko turi abayobozi turi kugenzura imikorere y'irondo n'iy'utubari. Yahise avuga ngo 'Ese' Ni mwe mwankuye ku rutonde rw'abahawe ibigori?' Ntaramusubiza aransunika. Mubajije icyo ansunikira ahita ankubita ikofe ku munwa wo hejuru, arawukomeretsa, ntangira kuviririrana amaraso menshi."

Yongeraho ati: "Yahise yiruka abo twari kumwe bamwirukaho baramufata ashyikirizwa sitasiyo ya RIB ya Shangi, njya ku kigo nderabuzima cya Mukoma kwivuza, banambwira kujya ku bitaro bya Bushenge ngo barebe niba nta kindi kibazo nagize, najya gutanga ikirego kuri RIB ngo uyu muturage akurikiranwe ku bw'urwo rugomo."

Avuga ko atamukuye ku rutonde rw'abahawe iyo mfashanyo y'ibigori, ko yarukuweho n'abaturage bagenzi be kuko yishoboye, kandi byarahabwaga abatishoboye, bityo akaba yaramuhohoteye.

Umuturage wo mu Kagari ka Mariba, yabwiye Imvaho Nshya ko guhohotera abayobozi gutya bitari bisanzwe muri uwo Murenge ariko ko uyu mugabo wabikoze ngo n'ubundi asanzwe ari mu bo bita ibihazi, bisinda bigateza urugomo.

Ati: "Asanzwe ari igihazi kimara gusinda kigateza umutekano muke mu baturage. Kugera aho gusagararira abayobozi bari mu kazi kabo turumva yarengereye arakabya. Akwiye kubihanirwa mu buryo butuma n'abandi batekerezaga kujya bahohotera ubuyobozi cyangwa izindi nzego ziri mu kazi kazo babicikaho."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyabitekeri, Harerimana Naphtal yemeje ko uyu muturage yakoreye umuyobozi we urugomo, byatumye ashyikirizwa RIB ngo abibazwe.

Ati: "Twamushyikirije RIB, sitasiyo ya Shangi ngo abikurikiranweho,uwakomeretse ajya kwa muganga,anasabwa gutanga ikIrego kuri RIB.

Gitifu yahohotewe ari mu kazi ke ko kugenzura imikorere y'irondo n'iy'utubari mu masaha y'ijoro."

Yakomeje agira ati: "Turasaba abaturage kwitwararika. Mu gihe umuturage asobanuriwe n'urwego rumwe ntanyurwe, ntakwiye gukora igisa n'imyigaragambyo ngo anatekereze guhohotera inzego. Akwiye kugana urwego rwisumbuye rukamukemurira ikibazo aho gushaka guhohotera inzego ziri mu kazi kazo.

# The Ben yashimiye abakunzi be babanye na we mu bihe 'bikomeye'



Umuhanzi The Ben yashimiye abafana be bakomeza kumuba hafi

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Mugisha Benjamin uzwi nka The Ben yageneye abakunzi b'umuziki we ubutumwa bw'ishimwe ku rukundo bamweretse mu bihe yise ibikomeye.***

Ni ubutumwa yabageneye abunyujije ku mbuga nkoranyambaga kuri uyu wa Gatandatu tariki 10 Mutarama 2026, ababwira ko yahisemo kwita ku rukundo rw'abafana be no gukora ibyiza aho kwita ku bikorwa by'abandi.


The Ben avuze ibi nyuma y'uko tariki 9 Mutarama 2026, yari yizihije isabukuru y'amavuko asangira n'abatishoboye bo mu Murenge wa Gatenga ari na wo atuyemo abashyikiriza ibirimo ibyo kurya n'ibikoresho by'isuku.

Ku wa Gatandatu yanditse ashimira abafana be abasezeranya ko atazabatenguha cyangwa ngo afate urukundo bamukunda nk'ibintu bisanzwe.

Yanditse ati: "Imigambi yanjye buri gihe yagiye ishingira ku mucyo. Nahisemo kutibanda ku bibazo cyangwa ku bikorwa by'abandi, ahubwo mpagarara mu rukundo rw'uko muba hafi yanjye (ndavuga mwe abafana)."









The Ben yashimiye abafana be abasezeranya kutazabatenguha

Igihe cyose, inshuro nyinshi, mu bihe by'amakuru atari yo na za poropaganda, mwakomeje kumba hafi. Urukundo rwanyu si runini gusa… ni inkunga idafite umupaka. Ibiturutse mu ndiba y'umutima wanjye."

Avuga ko nubwo yizihije undi mwaka ariko kandi urukundo rw'abafana ruri mu bimutera imbaraga.

Ati : "Ndishimira kongera kwizihiza undi mwaka w'ubuzima bwanjye, mbikora nzi neza ko urukundo rwanyu ari rwo mbaraga zinsunika zihora ziri inyuma yanjye ari rwo rumfasha gutera imbere. Ntirwigeze runtenguha, kandi nanjye sinzigera mbatenguha na rimwe."

Icyakora uyu muhanzi yagaragaje ko nubwo afite umutima mugari ariko wihutira kubabarira abifuza kumubona ababaye bakaba bagera ku ntego.

Ati: "Imana yandemanye umutima mugari, ushobora kuba woroshye kandi wumva cyane kurusha uwa benshi. Iyo abantu bagerageje kugera ku ndiba yanjye bagamije kunshavuza, rimwe na rimwe babigeraho. Ariko namenye kugumana ituze n'ubwitonzi. Uko igihe cyagiye gihita, nagiye menya ukuri gukomeye cyane… nize kubabarira."

Ni isabukuru yizihije nyuma y'icyumweru akoze igitaramo 'The New Year Groove' yakoreye muri BK Arena ku wa 1 Mutarama 2026 aho yasimburanye na Bruce Melodie ku rubyiniro.

The Ben wujuje imyaka 39 y'amavuko yakunzwe mu ndirimbo nka Why yakoranye na Diamond, Ni Forever, Ngufite ku mutima, Habibi, Vazi, Ndaje n'izindi.





# FC Barcelona yatsinze Real Madrid yisubiza Super Cup ya Espagne





FC Barcelona yegukanye Super Cup ya Espagne ku nshuro ya 15 mu mateka

SHEMA Ivan

***FC Barcelona yegukanye Super Cup ya Espagne ku nshuro ya kabiri yikurikiranya, nyuma yo gutsinda Real Madrid ibitego 3-2, ku mukino wa nyuma wabaye mu ijoro ryo ku Cyumweru tariki 11 Mutarama 2026, i Jeddah muri Arabie Saoudite.***

Ni umukino watangiye wegeranye cyane, amakipe yombi yigana n'uburyo bw'ibitego bukaba buke cyane.

Uburyo bwa mbere bwabonetse ku munota wa 14, ku mupira wazamukanywe ku ruhande rw'ibumuso na Vinicius Junior wari wenyine ateye ishoti rikomeye umupira ufatwa neza n'umunyezamu Joan Garcia.

Mu minota 30, amakipe yombi yakomeje gukinira cyane mu kibuga hagati nta n'imwe irema uburyo bukomeye bw'igitego.

Ku munota wa 36, FC Barcelona yafunguye amazamu gitego cyatsinzwe na Raphinha ku mupira yahawe na Fermin Lopez yinjra mu rubuga rw'amahina acenga ahita atera ishoti rikomeye umupira uruhukira mu izamu.

Iyi kipe yakomeje gusatira ndetse ibona koruneri ebyiri zikurikiranya mu munota umwe ariko umunyezamu Thibaut Courtois atabara Real Madrid.

Mbere y'uko igice cya mbere kirangira, umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itatu y'inyongera.

Ku munota wa 45+2, Real Madrid yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira wazamukanywe na Vinicius Junior acenga ba myugariro ba FC Barcelona ahita awushyira mu izamu.

Nyuma y'umunota umwe, FC. Barcelona yatsinze igitego cya kabiri ku mupira mwiza Pedri yacomekeye rutahizamu Robert Lewandowksi asiga ba myugariro ba Real Madrid ahita aroba umunyezamu umupira ujya mu rushundura.

Nyuma y'iminota ibiri, Real Madrid na yo yahise isubiza ibona igitego cyo kwishyura ku mupira wavuye muro kuruneri, ukubita igiti cy'izamu usanga Gonzalo Garcia wari uhagaze neza awushyira mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ibitego 2-2.

Mu gice cya kabiri, Real Madrid yagarukanye imbaraga ndetse ku munota wa 50 yashoboraga kubona igitego cya gatatu ku ishoti rikomeye ryatewe na Vinicius Junior ari hanze y'uburuga rw'amahina, umupira ukurwamo neza n'umunyezamu Joan Garcia.

Ku munota wa 73, Raphinha yatsindiye FC Barcelona igitego cya gatatu ku mupira yatereye ari hanze y'uburuga rw'amahina uruhukira mu izamu.

Ku munota wa 90, FC Barcelona yasigaye ari abakinnyi 10 nyuma yaho Frankie de Long yeretswe ikarita itukura ku ikosa rikomeye yari akoreye Kylian Mbapee.

Mbere y'uko umukino urangira Umusifuzi wa Kane yongeyeho iminota itanu y'inyongera.

Iyi minota yihariwe na Real Madrid ndetse yabonye amahirwe akomeye yo gutsinda igitego cyo kwishyura ku mupira wahinduwe na Rodrygo imbere y'izamu, usanga Alvaro Carreras wari uhagaze wenyine awuteye ufatwa neza n'umunyezamu Joan Garcia.

Umukino warangiye FC Barcelona itsinze Real Madrid ibitego 3-2, yegukanye Super Cup ya Espagne ku nshuro ya kabiri yikurikiranya, itsinda mukeba.

Muri rusange, yari inshuro ya 16 iyi kipe yegukanye iki gikombe mu mateka yayo.

Umutoza Hansi Flick wa FC Barcelona yanditse amateka yo kudatsindwa mu mikino umunani aherukaga gutoza ku mukino wa nyuma.



Vinicius Junior agerageza kwinjira mu bwugarizi bwa FC Barcelona



Igitego cya Gonzalo Garcia cyafashije Real Madrid gusoza igice cya mbere inganya na FC Barcelona



Robert Lewandowski yishimira igitego cya kabiri yatsindiye FC Barcelona

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-47 TARIKI 6 - 12 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yegukanye Super Coupe ya 2025 inyagiye Rayon Sports

SHEMA Ivan

***Ikipe ya APR FC yanyagiye Rayon Sports ibitego 4-1, yegukana igikombe kiruta ibindi mu Rwanda "FERWAFA Super Cup" ya 2025.***



**APR FC yegukanye igikombe kiruta ibindi mu Rwanda cya 2025 inyagiye Rayon sports**

Uyu mukino w'ishiraniro wabereye kuri Stade Amahoro, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 10 Mutarama 2026 witabirwa n'abarimo Umunyamabanga wa Leta muri Minisitiri wa Siporo, Rwego Ngarambe, Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice n'abandi.

Wari umukino wa gatanu wa Super Coupe uhuje impande zombi, APR yatwaye ebyiri mu 2002 na 2016 naho Rayon Sports ibikora mu 2017 na 2023.

Ikipe y'Ingabo ni yo yatangiye neza umukino ihererekanya neza hagati mu kibuga.

Iyi kipe yakomeje gukina neza ku munota wa 15 yashoboraga gufungura izamu ku ishoti ryatewe na Memel Dao, Kwizera Olivier arikuramo, umupira usanga Mugisha Gilbert awuteye ujya hejuru y'izamu.



**Abafana ba Rayon Sports bari bitabiriye ari benshi**

Nyuma y'iminota itatu, iyi kipe yafunguye amazamu ku mupira umunyezamu Kwizera Olivier yafashe nabi uramucika, William Togui wari uhagaze neza awutera mu izamu.

Mu minota wa 30, APR FC yakomeje gukina neza irusha cyane Rayon Sports yagorwaga no guhererekanya neza umupira hagati mu kibuga.

Ku munota wa 43, APR FC yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Ronald Ssekiganda n'umutwe ku mupira wahinduwe mu rubuga rw'amahina na Memel Dao.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0.

Mu gice cya kabiri, APR FC yakomeje guhererekanya neza ndetse ku munota 55 yashoboraga kubona igitego cya gatatu ku mupira Memel Dao yahaye Ouattara awuteye ishoti, umunyezamu Kwizera Olivier awukuramo.



**Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda akaba na Chairman Mukuru wa APR FC mu bashimishijwe n'itsinzi y'iyi kipe**

Mu minota 65, Rayon Sports yakangutse itangira guhererekanya neza umupira ndetse igasatira izamu rya APR FC.

Ku munota wa 70, APR FC yatsinze igitego cya kabiri ku mupira Dauda Yussif yateye Yannick Bangala arawugarura, Douda arawusubirana akomereza mu rubuga rw'amahina kugeza arobye umunyezamu Kwizera Olivier.

Iminota 10 ya nyuma yihariwe na Rayon Sports yageragezaga gushaka uko yagabanya ikinyuranyo cy'ibitego binyuze mu bakinnyi barimo Ishimwe Fiston wateye ishoti rikomeye, umuzamu Ishimwe Pierre arishyira muri koruneri.

Mbere y'uko umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itanu y'inyongera

Ku munota wa 90+3, Rayon Sports yabonye igitego cy'impozamarira cyinjijwe na Ndikumana Asman ku mupira mwiza, Habimana Yves yahinduye, awuruhukiriza mu rushundura.

Ku munota wa 90+5, APR FC yabonye igitego cya kane ku mupira Ruboneka Bosco yinjiranye mu rubuga rw'amahina acenga Kwizera Olivier agwa hasi, awuhinduye, Mamadou Sy awushyira mu izamu.

Umukino warangiye APR FC itsinze Rayon Sports ibitego 4-1, yegukana igikombe kiruta ibindi mu Rwanda 2025.

APR FC yaherukaga kwegukana iki gikombe mu 2018 itsinda Mukura VS ibitego 2-0 mu karere ka Rubavu.

APR yahawe miliyoni 20 Frw mu gihe Rayon Sports ya kabiri yatahanye miliyoni 10 Frw.